IBIRI MURI AKA GATABO N° 33

1. Ijambo ry'ibanze
Ubwanditsi
2. Ibaruwa ya Musenyeri Alexis Habiyambere Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, iteguriza abakristu kwizihiza imyaka icumi ishize dusoje Sinodi idasanzwe
Myr Alexis HABIYAMBERE, s.j.
3. Tugeze he nyuma y'imyaka icumi dusoje sinodi : ibibazo byo kwigira mu muryangoremezo
Komisiyo ibishinzwe
4. Inteko ya kabiri idasanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi kuri Afurika
Fratri Gaspard BIJYIYOBYENDA
5. Hahirwa abiyoroshya kuko bazatunga isi ho umurage
Fratri René Claude HAKIZIMANA
6. Diyosezi ya Nyundo yungutse abapadiri batatu n'abadiyakoni icyenda mu mwaka wa 2010
Diacre Denys IRIVUZUMWAMI
7.Sugira usagambe Kiliziya Gatolika mu burezi n'uburere by'abana b'u Rwanda.
BAZAMURANGA Janvière
8. Twizihije umunsi mukuru wa Assomption i Congo-Nil
BAMURANGE Françoise
9. Radio Maria yasuye paruwasi ya Nyundo
Didace MUSEBYUKUNDI
10. Seminari ya Nyundo yahimbaje umunsi wa Mutagatifu Piyo wa 10
Didace MUSEBYUKUNDI
11. Abanovisi batandatu basezeranye bwa mbere mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo.
Didace MUSEBYUKUNDI
12. Ishuri ryigishije bwa mbere umwana w'umukobwa siyanse (sciences) ryijihije yubile y'imyaka 50 rimaze rishinzwe.
Didace MUSEBYUKUNDI
13. Frère Gabriël Lauzon yizihije yubile y'imyaka 50 amaze yiyeguriye Imana
Mathias NSENGIYUMVA
14. Udukuru two hirya no hino
BAMURANGE Françoise

IJAMBO RY'IBANZE

Dukomeje imihigo

Hari hashize igihe umusemburo w'ubusabane utabageraho, none twishimiye kubasanga mu ntangiriro z'uyu mwaka wa 2011, umwaka udasanzwe muri Diyosezi yacu ya Nyundo. Ni umwaka wa cumi nyuma y'aho hatangarijwe imyanzuro ya Sinodi. Uzaba umwaka wo kureba aho tugeze no gufata imigambi mishya.

Twashoje ku mugaragaro Sinodi ya Diyosezi yacu ku itariki ya 17/11/2001. Imyanzuro yatangajwe icyo gihe yerekanaga imbuto twungukiye mu biganiro bisesuye twagiranye mu miryangoremezo no mu matsinda anyuranye, tutirengagiza ibibazo by'ingutu byariho icyo gihe. Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi yaduhaye icyerekezo dukwiye kugenderamo, tumurikiwe n'Ivanjili kugira ngo tujye mbere ibyo dukora byose bitunganiye Imana n'abantu.

Intego twari twihaye mu gihe cya Sinodi y'uko "Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo", twayongeyeho akajambo gafite ireme tugira tuti: "twarabyiyemeje".

Muri uyu mwaka wa cumi "tubyiyemeje" birakwiye ko tureba mu ukuri aho tugeze. Mu ibaruwa ya Musenyeri iteguriza abakristu kwizihiza iyi myaka icumi ishize dushoje Sinodi, aratubwira ati: "Niyo mpamvu mbasaba ko umwaka wa 2011 waba umwaka wo gushimira Imana, ibyiza twagezeho tukabikomeza, ahabaye intege nke tukahabona hagakosorwa, tugafata n'imigambi mishya tuzagenderaho mu myaka izaza".

Ibi Musenyeri yabyandikaga mu kwezi kwa cumi na kumwe k'umwaka ushize. None rero igihe kirageze, twese dushyire hamwe duharanire kumenya uko tumeze mu mibereho iyo ari yo yose cyane mu bituganisha ku Mana no mu mubano wacu nk'abana bayo.

Kugira ngo uyu mwaka uzatugirire akamaro hashyizweho Komisiyo yo kuwutegura no gukurikirana ibizawukorwamo. Muri iyo Komisiyo buri doyenné ihagarariwe n'abapadiri babiri harimo n'abalayiki bo mu nzego zinyuranye. Iyo Komisiyo yateguye ibibazo bizafasha gutekereza, kureba aho tugeze no gufata imigambi mishya. Ibibazo by'ukwezi kwa Mutarama na Gashyantare byagejejwe muri paruwasi zose mu kwezi kwa cumi n'abiri. Ibya Werurwe, Mata na Gicurasi abapadiri bazabijyana baje mu nama ya presbyterium yo ku itariki ya 19 na 20 Mutarama .

Ibyo bibazo biteganyirijwe kwigirwa mu miryangoremezo. Buri cyumweru gifite ibibazo byacyo bishingira ku ntego y'icyo cyumweru, imurikirwa n'Ijambo ry'Imana rihuje n'icyigwaho. Ntabwo byagenewe gusuzuma ubuhanga bw'abagize umuryangoremezo. Byagenewe kubafasha ngo bajye mbere mu bukristu. Icy'ingenzi ni umugambi baziha bamaze kureba uko bahagaze, kandi uwo mugambi bakazawukomeraho.

Si imiryangoremezo yonyine ishobora kwifashisha ibyo bibazo, n'abagize umuryango w'agisiyo gatolika, amahuriro y'abasenga n'andi matsinda abiboneye umwanya yabisubiza kandi agafata imigambi. Ibyo byaba mubireba imibereho yabo bashyize hamwe mu mwihariko wabo w'ubukristu, ariko ntibibemerera kutajya gukorana n'umuryangoremezo wabo.

Mu bintu twese dukeneye guteramo imbere hari mbere na mbere kumva uko tubanira Imana. Koko se Imana Yezu Kristu yatumenyesheje turayizi ? Dusumbya iki abatayizi ? Niba tuyizi se turayibanira? Bigaragazwa n'iki ? Twizere ko uyu mwaka uzasiga duhugukiwe turi koko abana b'Imana Data udukunda. Ukazasiga kandi turi abavandimwe b'ukuri.

Ubuvandimwe muri Yezu Kristu budusaba guhinduka abantu bashya, tugatsinda ubwikunde bwa kamere, tukagera ku rukundo rutishaka, ruharanira ko ibyo twiyifuriza byaba aribyo twifuriza uwo ariwe wese kandi tukabimugirira.

Tuzasanga ubwo buvandimwe kenshi tutarabugezeho, bidutere kwigaya no gusaba imbabazi. Tuzasanga hari imyitwarire yari inyuranyije na bwo twiyemeze kuyigorora. Uyu mwaka uzaba utugiriye akamaro nidufata imigambi iboneye, tukagena inzira zo kuyikomeza.

Kwibaza no guhamya icyerekezo gikwiranye n'igihe tugezemo tuzabiharira amezi atanu ya mbere. Kuva mu kwezi kwa gatandatu imihigo twagiye twiha buri cyumweru muri ya mezi atanu, tuzayinonosora, tuyitangaze dusigare duharanira kutazigera tuyitezukaho.

Tuzifashisha iminsi mikuru isanzwe mu mwaka wa Liturjiya, tujye turagiza Imana iyo mihigo yacu. Byose bizahera mu muryangoremezo, ariko n'imiryango y'Agisiyo Gatolika n'andi matsinda nayo akwiye kugira imihigo yayo. Na paruwasi muri rusange ikwiye kuzagira imihigo yayo ibumbatira iyo yose. Byose tuzabisoza ku munsi mukuru wa Kristu Umwami tumwiyegurire, kandi duhigire kuzamubera abakristu b'indahemuka.

Ibyo tuzirikana muri uyu mwaka biziye igihe rwose, binahuza n'ibyifujwe na Sinodi idasanzwe y'Abepiskopi yerekeye Afurika yabereye i Roma mu mwaka ushize. Insanganyamatsiko y'iyo nama yari iyi: "Kiliziya muri Afurika mu guharanira ubwiyunge, ubutabera n'amahoro: muri umunyu w'isi (...) muri urumuri rw'isi".

Ibyo iyo Sinodi yaganiriyeho, dutunganije neza ibyo twiyemeje muri uyu mwaka, twabigeraho tukaba koko urumuri n'umunyu w'isi.

Murasanga muri aka gatabo mbere na mbere ibaruwa ya Musenyeri Alexis Habiyambere iturarikira iby'uyu mwaka, hanyuma mubone ibyo bibazo tuziga, maze twumve n'ibyerekeye iyo Sinodi y'Abepiskopi, ahasigaye dusangire amakuru anyuranye ku bintu bimwe na bimwe byabaye muri Diyosezi yacu.

Mwese tubifurije umwaka muhire, uzaturumbukire ubutoni ku Mana n'umubano wa kivandimwe ushimisha Kristu waduhuje.

Ubwanditsi.

IBARUWA YA MUSENYERI ALEXIS HABIYAMBERE, UMUSHUMBA WA DIYOSEZI YA NYUNDO, ITEGURIZA ABAKRISTU KWIZIHIZA IMYAKA ICUMI ISHIZE DUSOJE SINODI IDASANZWE.

Bakristu ba Diyosezi ya Nyundo, Kristu Yezu akuzwe. Guhera tariki ya 13.11.1998 kugera tariki ya 17.11.2001 twagize Sinodi idasanzwe. Ni muri iyo Sinodi twihaye intego idakuka duharanira kugeraho, mu buryo bwose buri munsi yuko : « Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje ».

Umwaka utaha wa 2011 uzaba ari uwa cumi nyuma y'aho hatangarijwe imyanzuro y'iyo Sinodi. Iyo dusubije amaso inyuma tukagereranya uko ibintu byari byifashe icyo gihe n'uko tumeze ubu, dusanga Imana yaradukoreye ibitangaza.

Niyo mpamvu mbasaba ko umwaka wa 2011 waba umwaka wo gushimira Imana, ibyiza twagezeho tukabikomeza, ahabaye intege nke tukahabona hagakosorwa, tugafata n'imigambi mishya tuzagenderaho mu myaka izaza.

I. DUSHIMIRE IMANA INTAMBWE TWATEYE

Koko dukwiye gushimira Imana. Mwese murabyibonera muri paruwasi zose abakristu bafite ishyaka ryo kugana Kristu, kandi muri bo habonetse abitangira abandi babafasha mu buyobozi, mu nyigisho no kwitegura guhabwa amasakramentu.

Ishyaka n'ubwitange bw'abakristu mu mirimo ya Kiliziya ni ibyo gushimira Imana, muri abo ndashimira by'umwihariko abagize za komite, abari muri za komisiyo nyinshi ziriho muri paruwasi, abayobozi ba za santrali n'abimiryangoremezo. Cyane ariko ndanashima umurimo w'ingenzi ukorwa n'abakateshisti bitangira guhugura abitegura amasakramentu y'ibanze n'abafasha amatsinda y'abana. Sinibagiwe n'uruhare rw'imiryango y'Agisiyo Gatorika n'amakoraniro y'abasenga. Ibi byose byashinze imizi, byongera imikorere ya byo muri iyi myaka. Tubyishimire kandi tubishimire Imana.

Ndashimira Imana kandi nshimira abakristu bitabira guhurira mu miryangoremezo. Mu myanzuro ya Sinodi nari navuze nti: "Buri mukristu yarakwiriye kugira umuryangoremezo abarizwamo, kugira ngo ahagire akamaro kandi n'abandi bamugirire akamaro" (Dushoje Sinodi...p.9). Muri paruwasi zose mwarabyumvise kandi imiryangoremezo yanyu ibafitiye akamaro koko. Murahura mugasangira Ijambo ry'Imana, mugafashanya gukemura ibibazo bitabura aho abantu baba, mukimenyera abakene, imfubyi n'abapfakazi, byose bishingiye ku rukundo kandi biherekejwe n'isengesho. Koko ubukristu bwashinze imizi mu muryangoremezo, aho bitarakomera nabo bizaza. Mu byiza byinshi dusanga mu muryangoremezo, amatsinda y'abana ni ingenzi. Ni igisubizo cy'ikibazo gikomeye cyo kwigisha abana Iyobokamana. Akwiye gukomeza kwongererwa imbaraga kandi hakaboneka abantu benshi bitangira kuyashyigikira, bakanabihugurirwa.

Ibi byose dushimira Imana, ibyinshi byagezweho kuko twungutse Abasaserdoti benshi. Dusoza Sinodi muri Diyosezi hari Abapadiri 34, ubu hari 61. Ntitubariyemo abari mu mahanga ku mpamvu zinyuranye. Nyuma ya Sinodi Diyosezi yacu yungutse abapadiri 39. Iki ni igitangaza Imana yadukoreye, dushobora gusiba icyuho cyatewe na jenoside yahitanye abapadiri 32. Tujye duhora tubibuka, tunasaba Imana ngo ishyano nk'iryo ntirizasubire kubaho mu Rwanda n'ahandi aho ariho hose. Kwunguka abapadiri byatumye paruwasi zose zongera guturwa, ndetse tumaze gutangiza paruwasi nshya eshatu arizo Gisovu, Gatovu na Muhato. Turitegura kandi gutangiza Paruwasi ya Kabaya.

Dushimire Imana kandi kubera ko muri iyi myaka, Diyosezi yacu yabyaye Abihayimana binjiye mu miryango inyuranye. Twizeye ko bazakurikirwa n'abandi bafite inyota yo kwegurira Imana ubuzima bwabo ikabatuma ku bavandimwe babo.

Ibi byose ntibyari gushoboka iyo mu Gihugu hataba umutekano. Dushimire Imana umutekano uri mu Gihugu cyacu, dushimire kandi dusabire abawitangira bose. Yezu aravuga ati:

“Hahirwa abatera amahoro kuko bazitwa abana b’Imana“ (Mt5,9). Abayobozi bose bitangira amahoro turabibashimira, ariko uwo murimo umuntu wese awufitemo uruhare. Nitube abagabuzi b’amahoro aho turi hose. Umukristu by’umwihariko agomba guharanira amahoro, mbere na mbere akayatunga mu mutima we awurinda ububi bwose bubyara amacakubiri kandi akumva ko aho ari hose ashinzwe kuhimika urukundo n’ubusabane bukwiriye abana b’Imana.

Amahoro ni ishingiro ry’amajyambere. Igihugu cyacu kiratera imbere kuko gifite icyerekezo cyiza gishaka amajyambere rusange y’abagituye. Kwita ku mijyi bijyane no kwita ku batuye mu cyaro, bityo amajyambere n’imibereho myiza bikomeze bigere kuri bose mu mudendezo. Umukristu akwiye kuba kw’isonga mu baharanira ko isi iba nziza n’abayituye bakayibanamo ntawe uryamira undi.

II. DUKOMEZE URUGENDO TWIVUGURURA

Bakristu ba Diyosezi ya Nyundo, uyu mwaka wo kwizihiza imyaka icumi ishize dushoje Sinodi yacu nutubere umwaka wo kwivugurura mu myumvire. Muribuka ko Abepiskopi bo mu Rwanda mu mwaka wa 1998 bahurije ku gitekerezo cy’uko buri Diyosezi yakora Sinodi ishaka igisubizo cy’ikibazo cy’irondakoko cyangije imitima y’abantu kugeza ubwo habaye Jenoside yakorewe Abatutsi n’ingaruka mbi zayo nyinshi.

Muri Diyosezi yacu ya Nyundo mu gihe cya Sinodi twarashishoje dusanga ibyabaye byose byerekana ko twabuze ubuvandimwe bukwiriye abana b’Imana. Ni nayo mpamvu twihaye ya ntego ko “Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo”.

1. Dukomere ku isano nyayo

Twongere twiyibutse ibyanditse mu myanzuro ya Sinodi yacu ko : “Ubukristu bwacu bushingiye kw’isano ihebuje dufitanye n’Imana Data, Mwana, Roho Mutagatifu twahishuriwe na Yezu ku buryo budasubirwaho” (Dushoje Sinodi...II,1p4).

Iyi sano yacu n’Imana tuyumvise mu ukuri twahinduka abantu bashya. Mbere na mbere twasenga Imana tuyizeye nk’abana bayo ikunda byimazeyo. Bityo twatsinda ubwoba bwose butera bamwe kwirukira mu bababeshya ngo barabaragurira n’ubundi buhendanyi buterwa no kutizera ko ubwawe wakwibwirira Imana nk’umwana uyishyikiraho. Dufite Umuvugizi umwe ni Yezu Kristu Umuvandimwe wacu. Muri uyu mwaka tuzarusheho kumva iyo sano yacu na Yezu usohoza amasengesho yacu ku Mana Data, tumurikiwe na Roho Mutagatifu. Buri wese amwigereraho. Dutsinde ubwoba no guhora tujarajara tubeshywa n’uje wese ngo aratwereka agakiza.

Iyo sano inatwumvisha ko twese turi abavandimwe bitari imvugo gusa: ubuvandimwe bwacu bugomba kugaragazwa n’ibikorwa. Umukristu yakira umuntu wese atarobanura ashingiye ku bwoko, ku karere, ku rurimi, ku mutungo n’ibindi byose bikunze kubera abantu intandaro yo kwicamo ibice. Dushyire imbere ibiduhuza, twirinde ibisenya ubuvandimwe.

Mu gihe cya Sinodi abakristu ba Diyosezi yacu bafashe igihe cyo kugaragaza uko buri wese yatekerezaga, maze tumurikiwe n’Ivanjili, ibitekerezo binyuranyije n’iyi sano Kristu yatugejejeho turabigaya, twiha imihigo y’umubano ukwiye abavandimwe.

Nyamara haracyari abantu bakiboshywe n’ibitekerezo ndetse n’ibikorwa bishingiye ku ivangura. Uyu mwaka uzahe buri muntu umwanya wo kubitekerezaho maze uzasige twarashyikiriye ubuvandimwe nyabwo.

Kubera amateka y’Igihugu cyacu, abantu benshi bafite ibikomere ku mutima. Bimwe umuntu aba abizi neza, ibindi birihishe ariko bikigaragariza mu buryo umuntu abanira abandi. N’ibyo bikomere by’amateka yacu tuzabishyire imbere ya Kristu abyomore. “Koko rero ni We mahoro yacu; Abayahudi n’abatari bo yabahurije mu muryango umwe, maze aca urwango rwabatandukanyaga rwari rumeze nk’urukuta ruri hagati yabo“(Ef.2,14-).

2. Duhinduke kandi twitabire imiryangoremezo

Tumaze kugira umutima ukeye tubikesha imyumvire mishya y'isano dufitanye muri Yezu Kristu, tuzagere no ku bikorwa bigaragara byo kugoboka abafite ibibazo no gufatanya duharanira kwiyungura mu buryo bwose.
Tuzarusheho gushyigikirana mu bukristu, abaguye n'abacumbagira tubahe imbaraga bagarukire Imana.
Abishyingiye bazagarukire Imana kandi uwo muco ucike burundu.
Ababatijwe bakagira umwete muke wo kwigira gukomezwa tuzabafashe babigereho.
Abahunga imiryangoremezo yabo kubera ko hari uwo bagize icyo bapfa tuzabunge bagaruke mu bumwe bw'abana b'Imana.
Abagabo n'urubyiruko barusheho kumva ko mu muryangoremezo wabo, ibitekerezo n'ibikorwa byabo bikenewe cyane.
N'imiryango y'Agisiyo Gatolika yose izivugurure ikurikije umwihariko wayo mu bukristu.
Amakoraniro y'abasenga azabe koko aho isengesho rijyana no guhinduka muntu mushya, abayarimo barangwe n'urukundo n'imigirire myiza hose.
Buri Santrali izagire ishyaka ryo gukurikirana ibi byose, tuzagere igihe cyo gusoza twese twishimira ibyo twagezeho bigaragara; tunafatanye gukomeza kujya mbere twibumbiye mu miryango y'Agisiyo Gatolika n'Amakoraniro y'abasenga, ibyo byose bituganisha mu muryangoremezo aho bwa buvandimwe bw'abaturanyi bwerera imbuto z'ineza n'amahoro.

3. Umwanya w'urubyiruko n'abo Imana yahaye byinshi

Urubyiruko kandi ni rwo Kiliziya itezeho imibereho yayo y'ejo hazaza, ruzishyire hamwe ruhamye imigambi ikwiranye n'ibihe turimo. Urubyiruko rwumva byinshi rukaba rwashobora kubogamira kubyoroshye ndetse n'ibirushuka. Nabasaba ko muri uyu mwaka bazatahura imitego ibajyana ahabi, bakamenya gukora, gukundana no kubwizanya ukuri ntibareke abavandimwe babo borama mu bibi, nko kwishora mu busambanyi no mu biyobyabwenge. Isengesho, cyane gusangira Ijambo ry'Imana bizababere intwaro ikomeye. Byaba byiza urubyiruko rwegereye umuryangoremezo rukahagira uruhare rugaragara.

Benshi mu rubyiruko bakereye kuririmbira Imana. Hirya no hino hari za korali. Korali ntizabe iyo kuririmba gusa, abayirimo bazarusheho kwunga ubumwe bagere no ku bikorwa bindi bibagirira akamaro. Korali kandi ntizikwiye kuba imitwe ishyamiranye barushanwa, bajye bahuzwa no gufasha abakristu gusenga. Ibi byose tubyumve nk'abana b'Imana Kristu yabumbiye mu muryango umwe ariwo Kiliziya.

Kiliziya ni umuryango w'abana b'Imana. Muri uwo muryango buri wese afite umwanya, ntawe ugendera ku bandi gusa, nk'uko ingingo z'umubiri zose ari ngombwa, ni nako buri mukristu ari ngombwa muri Kiliziya. Niyo mpamvu muri uyu mwaka tuzicarana tukibaza niba koko buri muntu agaragaza uruhare rwe mu kubaka Kiliziya.

Aha nakwibutsa by'umwihariko abagize amahirwe yo kurusha abandi kwiga amashuri. Abo bantu aho abenshi ntibibera mu byabo ntibibuke ko bashinzwe abavandimwe babo ?

Hari n'abafite impano yo kumenya gukora cyane, bakagira ibintu kurusha abandi, ibyo bintu ntibizababere impamvu yo kwirengagiza abatabifite. Uretse no kuba babafasha bazabanze bibuke ko bagomba kububaha no kubakunda.

Ibi bireba n'abo Imana yahaye kuba abayobozi. Ubuyobozi ni ubutumwa umuntu ahabwa kugira ngo yitangire abandi, si umwanya wo kubakandamiza. Ubuyobozi bwiza kandi bwirinda gutonesha no kwirara kuko bibyara ishyari n'amacakubiri. Abayobozi beza bakunda abo bayobora bakabitangira babubaha, batabahutaza. Kuba umuyobozi kandi ntibivugako ushyira iruhande ukwemera kwawe, ahubwo ukwemera kwagombye kumurikira umutimanama w'umuyobozi.

Abantu mu byiciro byabo byose, muri uyu mwaka Imana izabafashe biyoroshye, bajye inama, bahamye icyo bamarira abandi muri Kiliziya umuryango w'Imana.

4. Tubeho nk'abantu bakuru

Kiliziya yacu ikesha kumenya Inkuru Nziza abantu bavuye iwabo mu mahanga bayituzaniye. Igihe kirekire ni nabo bayitunze basaba abakristu b'iwabo kudufasha muri byose. Siko bikimeze. Ubu twarakuze, twiyubakiye urwacu, kandi koko abakristu b'i Rwanda bamaze kwumva ko Kiliziya ari urugo rwabo bagomba kwubaka bagakomeza. Ni muri urwo rwego natangiye gahunda yo gucutsa za paruwasi, abakristu bakabeshaho paruwasi zabo, bagatunga abapadiri babitangira. Ndashimira mbikuye k'umutima abakristu bumvise neza iyo gahunda, bakayakirana ibyishimo kandi bakayishyira mu bikorwa. Nitwiyubakire paruwasi zacu, tubeho nk'abantu bakuru.

Ndagira ngo ngire icyo nsaba ababyeyi bombi mu rugo rwabo, kuko ariho hari Kiliziya y'ibanze. Iyo Kiliziya nimuyimenye ntawe utererana undi. Mu rugo habe umwanya wo kwicara mukajya inama munoza gahunda yo kurera. Isengesho rivugiwe hamwe mw'ituze rishyigikira urukundo rw'umuryango, ribahuza n'Imana namwe ubwanyu rikabongerera ubumwe. Abana bakuriye mu rugo rusenga ntibakenera kuzigishwa amasengesho, bayafata nk'uko bamenya ururimi rwabo kavukire. Hari ibintu bisigaye biturusha ingufu : ni radiyo na televiziyo aho ziri, abantu bananirwa kubyiyaka ngo baganire cyangwa ngo basenge. Ntitukabe abacakara b'ibyo tutazi iyo bituruka n'ibibyihishe inyuma. Tumurikiwe n'Ivanjili n'umuco mwiza w'abanyarwanda, tujye tumenya gushungura ibyo twumva n'ibyo turora. Gutuza mu rugo abantu bagasenga bishyigikira ubumwe bw'abarutuye. Yezu ati: "Niba babiri muri mwe ku isi bashyize hamwe ngo bagire icyo basaba, bazagihabwa na Data uri mu ijuru. Koko, iyo babiri cyangwa batatu bateraniye hamwe mu izina ryanjye, mba ndi aho hagati yabo"(Mt 18,19-20).

Amasengesho si ukuvuga ayo twafashe mu mutwe gusa, muzitoze no gusoma Ijambo ry'Imana, maze buri muntu abwire abandi icyo atoyemo n'icyo asanga cyabubaka. Muzitoze kubwira Imana ibyo urugo rwanyu ruyishimira, byaba kuri mwe bwite, ariko n'abandi bose. Mushimire Imana ubwiza bwayo n'ubuntu bwayo buhoraho, mubone gusaba imbabazi no gusaba ibyo mukeneye byose. Bityo urugo rwanyu ruzahore rubumbwe na Kristu, maze rugire umugisha.

Nsabye Abasaserdoti gukurikirana iyi gahunda yose, cyane cyane begera abantu mu matsinda yabo anyuranye, babashishikaze kandi babahugure. Abiyeguriyimana bataretse umwihariko w'umuryango wabo bazashake n'akanya bagenera amatsinda amwe namwe bayafashe kurushaho gukomera.

Bakristu ba Diyosezi ya Nyundo, Imana yatugiriye ubuntu iduha amahoro, iduha kumenya urukundo rwayo ruduhuza. Muri uyu mwaka tuzafatanye ibyadutanyaga byose tubitsinde. Ibibazo by'amoko byakuririjwe n'ababifitemo inyungu ntibizongere kuba impamvu yo kwishishanya. Abapfa imitungo, abapfa amazimwe, abacirana amarozi, abashyamiranyijwe no kubeshyerana, byose tuzafatanye mu muryangoremezo n'ahandi duhurira hose, tubone ko nta gaciro bifite. Nta kiruta urukundo. Ahari urukundo Imana iba ihari.

Iyi si dutuye Imana yarayiduhaye ngo tuyitunganye, tuyitegeke (reba Intg 1,27-28). Ubwenge dukomora ku Mana tugomba kubukoresha tukiyungura kandi tukungura abandi. Muri uyu mwaka tuzafashanye gutsinda ubujiji buduheza ahabi. Hari n'ubujiji butubuza kwizera Imana uko bikwiye. Ubwo bujiji bwose muzabutsinde. Abatazi gusoma no kwandika nibabihagurukire. Buri muryangoremezo wari ukwiye kwiyigishiriza abawurimo batazi gusoma no kwandika. Abakristu bakwiye kuba abambere mu bikorwa byose biteza abantu imbere. Bakwiye kurangwa n'ikinyabupfura n'isuku bikaba umuco batoza abana bakiri bato. Abahurira hamwe basenga bakwiye no gufashanya gutsinda ubujiji, ndetse bakanishyira hamwe baharanira amajyambere rusange yabo n'ay'abandi bose.

Dukanguke burakeye, "Twambare intwaro z'urumuri"(Rom 13,12), umucyo dukesha ukwemera uduhe amahoro no kujyambere.

Ibi byose tugiye guharanira biradusaba kwicara tukibaza, maze tugafata ingamba nshya.

Hari ibibazo byateguwe bizadufasha buri kwezi gushyira hamwe tugashaka kwiyungura umutima no gutera imbere.

Hari n'imihimbazo izaduhuriza hamwe dushimira Imana intambwe tugenda dutera.

Biri ku mugereka w'iyi baruwa, bazabibatangariza vuba aha.

UMWANZURO

Bakristu ba Diyosezi ya Nyundo, nongeye kubasaba ngo dushimire Imana itugejeje kuri uyu mwaka wa cumi nyuma y'isozwa rya Sinodi yacu. Uyu mwaka ntuzadupfire ubusa. Uyu mwaka uzarumbukire abazawinjiranamo ubushake, abifuza ko Imana Nyirimpuhwe yababababarira ibitaragenze neza, ko yabaha umutima mushya.

Umutima mushya dukwiye kugira muri uriya mwaka ni umutima wiyoroshya kandi usenga. Kwiyoroshya si ukwisuzugura, ahubwo ni ukugira ubutwari bwo gukora, ariko uzi ko uri umuntu w'intege nke, umuntu ugira aho ubwenge bwe budashyikira, maze byose ukabisabira urumuri n'imbaraga z'Imana. Muri uyu mwaka tuzarusheho gusenga cyane mu rugo, kandi tuzashishikarire guhurira mu miryangoremezo.

Ingo z'Abiyeguriyimana ziri muri Diyosezi ya Nyundo, imiryango y'Agisiyo Gatorika n'amakoraniro y'abasenga, n'aho abakristu bahurira hose, bajye bibuka gusaba ko uyu mwaka watuvugurura.

Muri uyu mwaka twese tuzajye inama ntawe usigaye inyuma. Tuzitabire ubutumire buturarikira kwiga ibibazo cyangwa guhamya imihigo iduhuje.

Hariho abantu benshi babuze ubakangura, barabatijwe ariko babaho batibuka Batisimu bahawe. Abo bose muri uyu mwaka tuzemere Imana ibadutumeho tubagarure. Kandi twese tuzashishikarire guhabwa amasakramentu cyane isakramentu rya Penetensiya.

Cyane cyane ariko uyu mwaka uzatwongerere ubuvandimwe, amacakubiri yose acike, abafite ibyo bapfaga bigorore, tunezwe twese no kuba duhujwe na Kristu watubambiwe ku musaraba.

Ibi byose ni impano itangaje y'Imana. Dukomeze dushimire kandi turagize byose Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene. Nta shiti azabidushoboza.

Umugisha w'Imana uhorane namwe mwese.

+ Alexis HABIYAMBERE,S.J.
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

UMUGEREKA : Ibibazo n'imihimbazo

<u>Ibibazo bizadufasha guhugukirwa no kwivugurura</u>

Bakristu ba Diyosezi ya Nyundo, umwaka tugiye gutangira ni impano y'Imana. Buri kwezi na buri munsi by'uwo mwaka tuzabikoreshe dushyize hamwe. Kugira ngo bitworohere tuzajya twiha intego twibandaho mu gihe iki n'iki, ariko tutibagiwe ibindi. Muri icyo gihe hari ibibazo byateguwe tuzacocera hamwe mu muryangoremezo no mu yandi matsinda, maze bidufashe kwiyungura umutima no gufata ingamba nshya.

Mu kwezi kwa mbere n'ukwa kabiri (Mutarama na Gashyantare 2011):

Tuzazirikana kuri ya SANO ihebuje,turusheho kwumva isano y'abantu n'Imana, n'isano y'abantu hagati yabo ishingiye kuri Kristu.

Twabivuzeho ariko twese dukeneye kwongera kubyibazaho tubihuza n'ubuzima bwacu, mu rugo, aho dutuye n'ahandi hose. Ntabwo ari ukwibaza nk'abakora ikizami, ni ugushaka kwumva tugafata ibyemezo mu buzima bwacu.

Mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2011)**:Tuzibaza ku myumvire dufite kuri Kiliziya.**

Uwo muryango w'abana b'Imana tuwumva dute, utumariye iki, twawumarira iki ? Muzahabwa ibibazo birambuye bizabafasha kubihugukira.

Mu kwezi kwa kane (Mata 2011)**: Kuragiza Yezu Nyirimpuhwe ibikomere by'umutima wacu.**

Ni ukwezi twibukamo jenoside n'ingaruka nyinshi zayo. Tuziragize Yezu Nyirimpuhwe kugira ngo yomore ibikomere by'umutima, aduhe kubana twizerana, tubikesha urukundo yaturaze. Buri muntu aziyunge na we ubwe, yiyunge n'Imana, bimufashe no kwiyunga n'abavandimwe.

Mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2011)**: tuzasangira ibibazo bidufasha kurwanya ubujiji n'ubukene.**

Ubujiji n'ubukene bishobora kuba intandaro y'ibibuza ubuvandimwe nyabwo mu bantu. Ni ngombwa kwicara tugashakira hamwe uko dukwiye kubirwanya.
Amezi azakurikira ni ayo gukomeza imihigo, bikazagaragarira cyane mu mihimbazo iteganyijwe.

Imihimbazo

Bakristu ba Diyosezi ya Nyundo, uyu mwaka ntusanzwe. Sinodi yacu yari yatugejeje ku byiza byinshi, none uyu mwaka uzaturushirizeho. Ntituzibaza gusa, tuzagira n'amahuriro rusange yo gushimira Imana ibyo tugenda turushaho kumva, ndetse amwe azaba amahuriro y'imihigo kuko ubukristu bwacu bufite intego: tuzi abo turibo n'ibyo dusabwa; tuzajya rero tugira igihe cyo kubihamya. Hari amatariki amwe ngira ngo mbe mbararikiye, tuyitegure kandi azagire icyo atwongerera.

Ku wa mbere Mutarama 2011 : ni umunsi mukuru wa Bikira Mariya Umubyeyi w'Imana. Musanzwe muzi ko Diyosezi yacu yiyambaza cyane uwo Mubyeyi, cyane mu izina yiyise i Banneux, haduhaye Congo-Nil, aho tumwambariza nk'Umubyeyi w'Abakene. I Kibeho yiyise Nyina wa Jambo. Ayo mazina yose adufasha kurushaho kugana Imana tumwisunze, twumva ko dushyigikiwe n'Umubyeyi. Hazaba ari ku wa gatandatu kuri wa munsi wa mbere w'umwaka twita ubunani. **K'uwo munsi tuzatangira umwaka wacu wo kwivugurura no gushimira Imana.** Tuwuragije Umubyeyi Bikira Mariya. Buri paruwasi izabirarikira abakristu, biyigire uburyo bwo gutangirana uwo mwaka ubwuzu n'ukwiringira Imana, twisunze Bikira Mariya.

Pasika 2011 : Mu rupfu n'izuka rye, Kristu yadusubije isura nyayo y'abana b'Imana. Murumva ko bihuje cyane n'ibyo tuzaba tuzirikana muri uyu mwaka. Pasika izaba ku itariki ya 24 Mata 2011. **Uzaba umunsi wo kurushaho gushimira Imana ingabire y'ubumwe, tuyishimira ko turi abana b'Imana, tukaba n'abavandimwe.** Uko kwezi kubera jenoside yakubayemo si ukw'ibirori. Buri paruwasi iziyigire ubundi buryo bw'amahuriro yo gushimira Imana kubera ko mu gihe tugezemo twongeye kuba abantu, ko dushobora koko kugaragara nk'abana b'Imana bunze ubumwe kandi bakundana.

Pentekosti 2011: Ni umunsi twibuka ko Roho Mutagatifu amaze kumanukira ku ntumwa, zabonye ubutwari zitari zisanganwe, zitangira kwamamaza Inkuru Nziza. **Uwo munsi uzaba uw'imihigo yo kuba intumwa**. Uzategurwe neza, ku buryo amatsinda yose ari muri paruwasi azaba afite imihigo yayo. Pentekosti izaba ku itariki ya 12 Kamena 2011.

Umunsi w'Isakramentu ritagatifu ry'Ukaristiya: Yezu yashatse kudutaha ku mutima. Yezu duhabwa ni umwe. Birakwiye koko, ko twese abamuhabwa tuba abavandimwe.

Mu myanzuro ya Sinodi nari nababwiye nti: "Ndifuza ko umunsi mukuru w'Isakramentu ritagatifu uba buri mwaka wazajya uduha umwanya wo kwibutsa imihigo y'abavandimwe" (Dushoje Sinodi...IV Umwanzuro p.11). Uyu mwaka uzaba ku itariki ya 26 Kamena. Ndasaba ko umutambagiro w'Isakramentu Ritagatifu w'uwo mwaka wabamo **ibimenyetso bigaragaza imihigo y'abavandimwe**. Buri paruwasi izabitegure kare, buri tsinda rizabiserukane. Si umurato. Ibyo abantu bazatangaza bazabe barabitekereje, bariyemeje kubishyira mu ngiro by'ukuri, batambagire babiragiza Yezu ubana natwe.

Assomption : Ku itariki ya 15 Kanama, abazabishobora bose tuzahurire i Congo-Nil, ibyo dukora byose muri uyu mwaka tubiragize Umubyeyi Bikira Mariya.

Umunsi wa Kristu Umwami : Ku itariki ya 20 Ugushyingo 2011**, tuzasoza umwaka wacu wo gushimira Imana no kwivugurura twiyegurira Kristu Umwami**. Uzaba umunsi w'ibirori, n'imihigo mu kwizera ko byose tuzabishobora, tubikesha Kristu Umwami tubyeguriye. Buri paruwasi izabitegure kare twese tuzasoze neza. Gusoza bizatubere no gutangira kuko imihigo yacu tuzayihorana.

INTEKO YA KABIRI IDASANZWE YA SINODI Y'ABEPISKOPI KURI AFURIKA

Kuva ku itariki ya 4 kugeza ku ya 25 Ukwakira 2009, i Roma hakoraniye Inteko idasanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi kuri Afurika. Insanganyamatsiko y'iyo Sinodi iragira iti : « Kiliziya muri Afurika mu guharanira ubwiyunge, ubutabera n'amahoro : muri umunyu w'isi (…), muri urumuri rw'isi ».

Twibuke ko iyi Sinodi kuri Afurika yaje ikurikira iyayibanzirije yabaye mu 1994, yo ikaba yari yibanze ku ngamba zo kwamamaza Inkuru nziza no kureba ibisanzwe mu muco wacu bitanyuranyije nayo byadufasha kuyakira no kuyoborwa n'iyo Nkuru nziza ya Yezu Kristu.

Iyo nteko ya kabiri idasanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi yari igizwe n'abantu 244, muri bo 228 bakaba bari mu rwego rw'Abepiskopi, Afurika ikaba yari ifitemo abagera ku 197. Abagize uruhare muri iyo Sinodi bose hamwe bageraga kuri 400. U Rwanda rwahagarariwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alegisi HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi yacu ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Tadeyo NTIHINYURWA, Umushumba wa Arikidiyosezi ya Kigali, na Nyiricyubahiro Musenyeri Seriviliyani NZAKAMWITA, Umushumba wa Diyosezi ya Byumba.

Iyo Sinodi y'Abepiskopi yafunguwe ku mugaragaro na Nyirubutungane Papa Benedigito wa 16 mu gitambo cya Misa cyabereye muri Bazilika yitiriwe Mutagatifu Petero ku wa 4 Ukwakira 2009. By'akarusho Papa Benedigito wa 16 yagize uruhare rugaragara mu mirimo y'iyo nteko idasanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi ndetse no mu isengesho ridatuza ryaranze kandi rigaherekeza iyo Sinodi.

Iyi nyandiko iragaruka kuri bimwe mu byavugiwe muri iyo Sinodi birebana cyane cyane n'uruhare rwa Kiliziya muri Afurika mu guharanira ubwiyunge, ubutabera n'amahoro na zimwe mu ngorane n'ibibazo bizahaza Afurika n'ingamba zikwiye gufatwa.

1. URUHARE RWA KILIZIYA MU GUHARANIRA UBWIYUNGE, UBUTABERA N'AMAHORO.

1.1. Kiliziya ni isangano ry'ubwiyunge.

Abari muri Sinodi bibukije ko Kiliziya ihora isakaza ku bana bayo by'umwihariko, n'abantu bose muri rusange, ingabire y'ubwiyunge twaronkewe na Yezu Kristu, igihe cyose itanga kandi igashishikariza abana bayo guhabwa Isakaramentu rya Penetensiya. Burya iryo sakaramentu ni ryo shingiro n'isoko y'ubwiyunge bushyitse, kuko rituma twiyunga n'Imana a bagenzi bacu, kandi rikadufasha kwiyakira mu ntege nke zikunze kuranga mwene muntu, bityo rikadutera imbaraga zidufasha guharanira kuganza ikibi. Iyo Kiliziya ihimbaza iryo Sakaramentu rya Penetensiya rero iba isangano n'ikimenyetso kigaragara cy'ubwiyunge, bikayitera kuba ihuriro ry'iyo ngabire y'ubwiyunge Imana igabira abana bayo.

Ibyo byose bishoboka kuko Nyagasani Yezu yahaye Kiliziya ye ingabire y'Ubusaserdoti. Hashingiwe ku mpamvu y'uko iyo Umusaserdoti atanga isakaramentu rya Penetensiya aba ari mu kigwi cya Yezu Kristu ubwe, abari muri Sinodi bibukije ko Yezu Kristu ari we wunga abantu n'Imana no hagati yabo ubwabo, igihe cyose hatangwa Isakaramentu rya Penetensiya. Ni ku

bw'iyo mpamvu, mu gushaka icyatuma iryo Sakaramentu risubizwa agaciro karyo, abari muri sinodi bifuje ko ibigize umuco nyafurika bishyigikira cyangwa bigafasha abantu kwiyunga byahabwa agaciro kandi bikaba byashyigikirwa na za komisiyo z'ubutabera n'amahoro, hagamijwe ko abakristu gatolika bagana inzira yo kwisubiraho, guhinduka by'ukuri no kwiyunga n'Imana na bagenzi babo babifashijwemo n'isakaramentu rya Penetensiya.

1.2. Kiliziya mu gusakaza hose umuco w'ubutabera

Bisanzwe bizwi na benshi ko ubutabera nyabwo budashobora guturuka cyangwa gutangwa n'abantu ku bwabo.Ibyo biterwa n'uko mwene muntu ari umunyabyaha. Bityo rero, ubutabera nyakuri buturuka kandi bugatangwa n'Imana, yo yemeye kwiyunga n'abantu muri Yezu Kristu, Umucunguzi w'abantu bose. Ku bwa Yezu Kristu, umunyabyaha wicujije ashobora gusabana n'Imana kandi akagirana na Yo igihango. Aha niho Kiliziya ihera isaba buri muntu kurangwa n'ubutabera no kubugeza ku bandi, aharanira ko imibanire ye n'abandi yashingira kandi ikarangwa n'amategeko n'imigenzereze itagira uwo irenganya.Kuko Imana ubwayo yiyemeje kwiyegereza umunyabyaha igihe imuhaye imbabazi, Kiliziya yibutsa buri wese ko ahamagariwe kugenza nka Yo ababarira abamuhemukiye. Duhereye kuri ubwo butabera bw'Imana bugera aho kubabarira abantu ibyaha byabo, buri muntu muri twe ashobora kubaho mu migirire inogeye abandi igihe cyose arangwa no kubabarira biturutse ku mutima ukunda kandi wuje impuhwe.

1.3. Kiliziya mu kwimakaza umuco w'amahoro

Abari muri Sinodi bifuje ko Komisiyo z'ubutabera n'amahoro zo mu bihugu n'amadiyosezi anyuranye yo muri Afurika zarushaho kugaragaza uruhare rwazo mu gushaka amahoro muri Afurika, umugabane w'isi ukunze kurangwamo intambara zishyamiranya abavandimwe kandi zigahitana imbaga itabarika. Ni byiza ko duhora twibuka ko nubwo amahoro ari impano y'Imana, natwe tugomba gushyiraho akacu mu kuyaharanira. Bityo rero, kubera ko amahoro ari uburenganzira bwa buri muntu, akaba nta muntu n'umwe wemerewe kuyahungabanya no kuyavutsa abandi, buri wese Kiliziya imuhamagarira gukora uko ashoboye kugira ngo ayasakaze hose kandi ayabumbatire. Kiliziya nayo izakomeza gushyiraho akayo kugira ngo abayigize bahugukirwe n'uburyo buboneye bwo gukemura no gukumira amakimbirane.Nk'uburyo bufatika bwo gushyira mu bikorwa iyo nshingano, hifujwe ko abarezi mu maseminari baba aba mbere mu guhabwa ayo mahugurwa,kugira ngo na bo bazageze ubwo bumenyi bungutse ku bo barera.

2. AFURIKA NTIYAREMEWE GUSIGARA INYUMA NO GUHORA MU BIBAZO BY'INSOBE.

Abari bagize inteko ya kabiri idasanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi yigaga kuri Afurika bagaragaje ko ibibazo uwo mugabane w'isi ufite mu nzego nyinshi bikomeye bityo bikaba bidakwiye gucecekwa. Usanga bitangaje kandi binababaje kubona Afurika ifite abaturage benshi bagifite imbaraga zo gukora, ikaba kandi ikungahaye ku mabuye y'agaciro n'undi mutungo kamere, nyamara abenshi mu baturage bayo bakaba bibera mu bukene. Ibyo bituma abana benshi, ndetse rimwe na rimwe n'abantu bakuru, bazahazwa n'indwara ziterwa n'imirire mibi maze bagasongwa n'ubuke bw'amavuriro n'ibitaro, amazi make kandi mabi, intambara n'inzara z'urudaca mu turere tutari duke n'ibindi.

Iyo Sinodi yababajwe n'uko byinshi muri ibyo bibazo biterwa na bamwe mu bayobozi b'abanyafurika usanga badashishikajwe n'icyateza imbere abo bashinzwe.Mu kugumya gusesengura ibibazo by'Afurika, abagize Sinodi basuzumye impamvu usanga abanyafurika badafite ubwigenge busesuye, ibyo bikaba bituma bahora bategeye amashyi amahanga, basanga biterwa cyane cyane n'izi mpamvu eshatu zikurikira:

a) Ayo mahanga niyo usanga agena uko yishakiye ikoreshwa ry'umutungo kamere wa Afurika. Iyo mikorere mibi usanga itita ku kubungabunga ibidukikije kandi akenshi ugasanga uwo

mutungo kamere nta kintu kigaragara umarira benewo, cyane cyane ko n'ibiciro bishyirwaho n'abo banyamahanga batizwa umurindi na ruswa ikunze kubigaragaramo.
b) Ibihugu byateye imbere mu by'inganda usanga biryamira ibihugu by'Afurika cyane cyane ko ibyangombwa by'ibanze bakenera muri izo nganda zabo babikura muri Afurika ku giciro gito cyane kandi n'umusaruro uvuye muri Afurika ntuhabwe igiciro gikwiye.
c)Ku birebana n'umuco n'imyitwarire ibereye ikiremwa muntu, usanga abo mu bihugu byateye imbere mu bukungu bashaka kugena no kwerekera Abanyafurika uburyo bagombye kubaho no kwitwara. Bo bishakira ko Abanyafurika bagira imico n'imyitwarire nk'iyabo, bityo indangagaciro zo muri Afurika, nko kubaha ubuzima no kubufata nk'impano y'Imana, guha agaciro umuryango n'ibindi byiza bigaragara mu muco wacu, izo ndangagaciro zose zikagaragazwa nk'izisuzuguritse kandi mu by'ukuri arizo zari zikwiye gufatwaho urugero.

Mu bushishozi bw'abo, abari muri Sinodi basanze Afurika n'ubwo ihanganye n'ibyo bibazo byose itagomba kwifata mapfubyi, ngo ihebere urwaje. Amateka yerekanye ko abashyize hamwe Imana ibasanga, bityo Sinodi ikaba yaraboneyeho gushishikariza Abanyafurika guharanira kuva muri ibyo bibazo bafashanya kandi batahiriza umugozi umwe nk'Abanyafurika basangiye byinshi.

3. ABANYAPOLITIKI N'ABARI N'ABATEGARUGORI NTIBIBAGIRANYE.

3.1. Ubutumwa bugenewe Abanyapolitiki

Mu gusesengura imizi y'ibibazo byugarije Afurika, abari bakoraniye muri Sinodi basanze ko, nubwo hari byinshi biterwa n'abishakira inyungu zabo bwite baturuka mu bihugu byateye imbere mu bukungu, abategetsi b'abanyafurika batari bake na bo si ba miseke igoroye. Hari benshi muri bo usanga imikorere yabo inyuranye cyane n'Ivanjili bamenyeshejwe na Kiliziya. Abo bose bahamagariwe guhinduka aho gukomeza gutatira ukwemera kwabo.

Abakirisitu muri rusange basabwe kudatererana abayobozi babo, kuko Kiliziya ifite inshingano yo kubasabira no kubategurira amahugurwa arebana n'umurongo Kiliziya igenderaho mu gufasha buri muntu kwera imbuto nziza mu murimo yaba akora uwo ariwo wose. Hashimangiwe ko kuba umunyapolitiki atari bibi, atari icyaha, icyaha ni ukwitwaza umwanya urimo ugakora ibidafasha imbaga Imana yagusabye kuragira no kwitaho.

Nka bumwe mu buryo bwo gushyigikira no kuba hafi abo banyapolitiki, hatanzwe urugero rwa Kominote ya Emmanuel mu Rwanda, aho bamwe mu bayigize bajya bafata umwanya wihariye wo gusengera abari mu nzego nkuru ziyobora igihugu, ndetse byaba ngombwa bagasiba kurya no kunywa, iyo hari ibibazo bikomeye abo bayobozi bakuru baba bahanganye na byo.

3.2. Kiliziya ishishikajwe n'ibibazo by'abari n'abategarugori.

Mu kurebera hamwe ibibazo byugarije Afurika n'ibiyidindiza, abagize Sinodi ntibirengagije ihohoterwa n'urundi rugomo rugirirwa abagore n'abakobwa bo muri Afurika.

Iyo nteko yamaganye ku mugaragaro ibikorwa by'urugomo n'urukozasoni bikorerwa abagore nko kubakubita, kubaheza ku mitungo y'ababo, kwibasira abapfakazi hitwajwe bimwe mu byaranze umuco gakondo utari mwiza, guterura abakobwa no kubashyingira ku ngufu. Hamaganywe kandi imigirire y'ubugome no gutesha umuntu agaciro nko guca cyangwa kwangiza nkana bimwe mu bice bigize imyanya ndangagitsina y'abagore n'abakobwa, gucuruza abagore n'abakobwa mu bikorwa by'uburaya n'ubukerarugendo bushingiye ku gusambanya abagore n'abakobwa bo mu bihugu bitari bike by'Afurika.

Mu gushaka icyatuma abo bari n'abategarugori bigobotora ibyo bibazo n'ako karengane, abagize Sinodi bifuje ko Kiliziya yakomeza gushyigikira ko abagore n'abakobwa bigishwa bagahabwa ubumenyi busanzwe bwo mu mashuri kandi bagahugurwa cyane mu bya roho, imyitwarire n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'ibindi byose bikenewe. By'umwihariko, hashyirwaho ibigo byajya byita ku bagore n'abakobwa bahohotewe, kugira ngo bahumurizwe, bityo bongere kugira icyizere cy'ejo hazaza.

Sinodi yibukije abagore n'abakobwa ko bagomba gukomeza kugira uruhare mu guharanira ko ubwiyunge, ubutabera n'amahoro byaba umuco, cyane cyane ko umutima Imana yabihereye usanga akenshi wuje impuhwe n'urukundo rwa bose. Abagore n'abakobwa bari mu mirimo inyuranye y'Iyogezabutumwa,bashishikarijwe kudatezuka kuri uwo murimo usaba ubwitange kandi hatanzwe icyifuzo cy'uko hashyirwaho Komisiyo, mu rwego rw'Igihugu na buri Diyosezi, zajya zita ku bibazo by'abagore n'abakobwa, hagamijwe kubafasha gusohoza neza ubutumwa bahahwa muri Kiliziya.

UMWANZURO

Si kenshi Afurika yagiye igira amahirwe yo kubona abantu batagamije indonke bafata iminsi ihagije kugira ngo bige ku bibazo biyugarije. Imirimo y'iyi nteko ya kabiri idasanzwe ya Sinodi y'Abepiskopi kuri Afurika yagaragaje ko Afurika ari umugabane w'isi ugomba na wo kwigirira icyizere. Nta mpamvu yo kwiheba kandi Imana ihamagara buri munyafurika igira iti "Haguruka ufate ingobyi yawe, maze ugende"(Yh 5,8).

Ibyo bizashoboka niba twemeye ko imico dusanganywe, imigirire n'imibanire n'abandi yakunze kuturanga imurikirwa n'Inkuru nziza ya Yezu Kristu!Ntibizashoboka niba dushaka ko iyo mico n'imigenzereze itari myiza na mba ipfukirana cyangwa ikagendera kure urumuri rw'Inkuru nziza!

Birumvikana ko Kiliziya muri Afurika izakomeza gucyamura no kugarura mu rwuri rwa Kristu abagenda batana kandi ikaba hafi y'abababaye.Uwo niwo muco uyiranga kandi ni bwo butumwa yahawe na Yezu Kristu wayishinze. Kiliziya izahora ku isonga ry'abaharanira ko ubwiyunge, ubutabera n'amahoro biganza hose muri Afurika.

Mu gusoza iyi nyandiko twakwibuka ko mu gushyira hamwe ibyavugiwe muri Sinodi, abari bayigize bakubiye ibyifuzo n'ibitekerezo byabo mu ngingo 57 maze babishyikiriza Nyirubutungane Papa Benedigito wa 16. Turizera ko mu gihe kitarambiranye azageza ku batuye isi muri rusange n'abo bose bashakashaka Imana n'umutima utaryarya urwandiko ruherekeza iyi Sinodi rukubiyemo ibigomba kwitabwaho,kugira ngo Afurika ibashe kugera ku bwiyunge, ubutabera n'amahoro nyakuri kandi abana ba Kiliziya bakomeze kubera isi yose na Afurika umunyu n'urumuri.

Fratri Gaspard BIJYIYOBYENDA

HAHIRWA ABIYOROSHYA KUKO BAZATUNGA ISI HO UMURAGE

Umugenzo mwiza wo kwiyoroshya ni bumwe mu buryo butuma umukirisitu cyangwa se undi muntu uzi Imana yaharanira kugeraho kugira ngo arusheho kwegera Imana, kuyikunda by'ukuri no kwitagatifuza. Ni n'umugenzo ariko utorohera buri wese mu bana b'abantu, kuko iyo witegereje neza usanga benshi, bitewe n'imyanya bafite mu buyobozi cyangwa mu bijyanye no kugira imitungo, batsindwa no kugera k'ukwiyoroshya nyakuri, kubera ko bumva akenshi nta kintu kindi cyabagiraho ububasha.

Nyamara nk'uko turi bugende tubibona, haba mu buzima busanzwe bwa buri munsi, haba mu byo dusoma mu ijambo ry'Imana; turasanga ko mu buzima busanzwe hari abagerageza kwitandukanya n'icyitwa ubwirasi cyose, ndetse n'ijambo ry'Imana riragenda riduha umurongo nyawo wadufasha kugera kuri uwo mugenzo mwiza wo guca bugufi imbere y'umuntu ku giti cye, imbere y'abavandimwe be n'imbere y'Imana. Turaza kubona kandi zimwe mu mpamvu zituma abantu birata, bakikuza bumva ko ntawe banganya ububasha.

ZIMWE MU MPAMVU ZITUMA ABANTU BIYOROSHYA

Umuntu ashobora kwiyoroshya kubera impamvu nyinshi, rimwe na rimwe zikaba zifite ishingiro, ubundi zikaba atari impamvu nyazo. Mu yandi magambo hari uwiyoroshya bimuvuye ku mutima n'uwiyoroshya bitamuvuye ku mutima, afite gusa icyo ashaka kugeraho.

Umuntu wiyubaha, wubaha abavandimwe be kandi wubaha Imana arangwa no kwiyoroshya. Bene uwo aba azi neza ko ubuzima afite atari we ubwe wabwihaye ko atagomba kubwiratana. Aba azi kandi ko atihagije, bityo ntagire n'umwe yirataho. Aba anazi ko Imana ariyo mugenga w'ibiriho byose bityo ntagire na kimwe yishingikiriza ngo akigire ikigirwamana cye.

Umuntu ashobora kwiyoroshya abitewe n'urugero rwiza yahawe n'abamureze. Burya ngo umwana uzi ubwenge umusiga yinogereza. Akenshi iyo ubana n'abantu biyoroshya, iyo utari bagosoreramurucaca, ubavomaho byinshi. Iyo kandi ubanye n'abantu bikuza gusa, biba akawa mugani ngo "ihene mbi nta we uyizirikaho inziza".

Umuntu ashobora kwiyoroshya abitewe n'amateka y'ubuzima bwe: aha twavuga nk'umukene, umuntu se wanyuze mu bihe bikomeye by'intambara cyangwa by'ibyorezo. Uwo muntu iyo atari injiji, ya yindi ucira amarenga ukamara ibinonko, akaba ashobora gusuzuma ibimenyetso by'ibihe, ibyo yanyuzemo bishobora kumwigisha, akumva ko nta na kimwe umuntu yakagombye kwiratana (uretse umusaraba wa Kristu nk'uko Pawulo Mutagatifu abivuga) bityo akarangwa no kwiyoroshya.

Hari umuntu wiyoroshya bitamuvuye ku mutima ahubwo ari bya bindi ngo "ubuze uko agira agwa neza": uyu muntu nta burenganzira na mba aba afite.Yaba arenganywa cyangwa apfukiranwa nta jambo na rimwe aba afite ryamurengera. Ahitamo rero gucisha make kuko aramutse ateye hejuru byamugwa nabi. Iyo umubonye rero ushobora kumwitiranya ukibwira ko yiyoroheje kandi aba yiyiciwe n'agahinda. Iyo abonye aho avugira ahita yigaragaza uko ari, agahinduka nka sakabaka.

Umuntu ashobora kwiyoroshya agira ngo ashimishe abamufiteho ububasha cyangwa abamurusha amaboko: abantu bashobora kubaho bishushanya kugira ngo bashimishe ababahaye akazi, ababarera se cyangwa ababayobora. Aha rero, iyo nawe amaze kugira uburenganzira busesuye ntawe ukimugenzura umunsi ku wundi, nibwo agaragaza ko hari ibyo yari

yarifungiranyemo none bikaba bivumbutse kandi bimuvumbukanye.Nta wavuga rero ko byabaga ari ukwiyoroshya, ahubwo byari ukwishushanya kuko yabaga akorera ku ijisho.

Umuntu ashobora kandi kwiyoroshya agira ngo ahishe amakosa ye, ibyaha bye cyangwa se amahugu ye. Akenshi abanyabyaha bagerageza kwigaragaza uko batari kugira ngo bahishe ibyaha byabo. Mu by'ukuri biyambika uruhu rw'intama kandi ari ibirura. Bene abo ni babi cyane kuko nta washidikanya ko barangwa no gusebanya, kubeshya no guharabika abandi bagira ngo bivuge neza.

Nta kindi baba bagambiriye uretse gufata ibyaha byabo bakabihigikira ku bandi

ZIMWE MU MBOGAMIZI ZO KWIYOROSHYA

Umuntu wishingikiriza icyubahiro ahabwa n'abandi bantu, amashyi agenda akomerwa, uko atambuka bakamwunamira maze akumva ko uwo mwanya ari ubukonde bwe, agomba no kumenya ko nta gahora gahanze. Iyo se atakiri kuri uwo mwanya, icyo cyubahiro yibwiraga ko afite kikamutera gusuzugura abandi kijya hehe?

Umuntu wikunda, wirema igitangaza akumva ko ari we wenyine ushoboye ibi na biriya, ko adahari nta kintu na kimwe kizakorwa neza ngo kigerweho, aratambuka akumva anyeganyeza isi, yumva kandi nta gaciro na mba undi muntu aba afite imbere ye. Ese buriya ko atahozeho, ko ariho, akaba atazahoraho; atarabaho ibyo akora nta wundi wabikoraga? Napfa se hazabura undi uzabikora?

Umuntu ashobora kwikuza bitewe n'uko ashyigikiwe n'abanyamaboko cyangwa abanyabubasha. Burya ngo « uhagarikiwe n'ingwe aravoma ! » Umukozi ushyigikiwe na shebuja kurusha abandi akaba ari icyegera cye, asuzugura abandi bakozi bagenzi be kubera ko aba azi ko nta wundi wamuvugaho. Ibi nyamara ni ukwibeshya cyane kuko iyo umukoresha ahinduriwe imirimo, kuko akazi atari ubukonde kandi nawe akaba ashobora kuba akoreshwa n'abandi yibuka ibitereko yasheshe. Igihe cye rero kiba kigeze ngo acishwe bugufi kandi ndatekereza ko bitamugwa neza. Ngo « iyo ngira ntya yari ijambo ni uko yaje nyuma ».

Umuntu ashobora kwikuza kubera ipfunwe n'agahinda aterwa n'uko yari yitezeho kwubahwa ariko ntabibone. Uyu muntu yishakamo icyubahiro n'ikuzo aho ageze hose. Arangwa akenshi no kwimenyekanisha, agashaka kuvuga uwo ari we n'icyo ari cyo, amashuli yize se, umwanya afite n'icyo akora ndetse n'ibyo ashoboye yaherewe uburenganzira. Iyo abonye batamutangariye ahitamo kwibeshyera kugira ngo byibuze barusheho kumwemera. Aha rero niho hagaragarira ubwo bwirasi bwe kuko aba yatangiye kubaza abandi ati « Ese muzi icyo ndi cyo ? » Iyo bamushimye baramusubiza bati « uri icyo tutazi ! » Si byiza gutanga abagabo b'ibyo dukora kuko ibikorwa byiza byigaragaza kandi bikagaragaza na nyirabyo.

Uburanga bw'umuntu bushobora kumutera kwirata. Umuntu ushengererwa na benshi bataka ubwiza bwe bw'umubiri, ashobora kugwa mu gishuko akibwira ko nta wundi wamuhiga. Imbere ye abadafite isura ikundwa na benshi ni umwanda. Imbere ya Yezu ariko umwiza ni umwe gusa ni Imana Data. Ese ari ufite isura itanogeye benshi, ari n'uwibwira ko ari mwiza ku mubiri utazanyura mu rupfu ni nde ? Udafatwa n'indwara se ni nde ?

Ubukungu nabwo ni imwe mu mbogamizi zo kwiyoroshya.

Abantu bakize vuba (Nouveaux riches)baba bumva ko ari bo batunze byinshi mbere. Ngo « ushize impumu yibagirwa icyamwirukansaga ». Bahonyora abitwa abakene bose kuko baba ari umwanda mu maso yabo. Nyamara birengagiza ko iyo bashoje urugendo rwabo hano ku isi nta n'umwe bagerekaho na kamwe mu byo atunze. Yewe nta n'umwe uratanga ku byo atunze ngo urupfu rutamutwara ! Umukungu wese wumva ntacyo abuze mu buzima bwe aba yiringiye ikirimo ubusa.

Iyo umuntu azamuwe mu ntera vuba ashobora kugwa mu gishuko cyo kwikuza. Impamvu nta yindi ni uko aba agira ngo yumvishe abamusuzuguraga mbere (aha ntitwirengagize ko abantu bashobora kwitiranya kumvisha abantu no gufasha abantu kwikosora no kwisubiraho).Iyo rero atiyoroheje ngo akore icyo agomba gukora ashinzwe, ashobora kuba ikibazo mu bantu.

Umuntu wigize bamenya nawe ntabwo ashobora kwiyoroshya. Arangwa buri gihe no gukabya mu magambo ye. Ibigwi bye mu bandi ni ukwerekana abantu bakomeye baziranye nawe. Yirata ku bandi agira ngo abereke ko azwi n'abakomeye, ko aganira nabo kenshi, ko

asangira nabo. Asezeranya abantu benshi ko azabagerera aho badashobora kwishyikira. Amaherezo ariko aba abizeza ibitangaza kuko ntacyo aba ashoboye uretse ubwirasi buba bwaramusabitse.

Umuntu ukuriye abandi mu buyobozi nawe ashobora kwirata bikamuviramo gucumura. Igihe atamenye ko abantu ari magiririane, kandi ko kubaho ari ukubana mu bwuzuzanye ashobora kubapyinagaza. Bene uwo ntiyumva inama z'abo bafatanyije ubuyobozi, ntanashobora kubaha umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo, mbese yumva ko bagomba kumugenderaho we n'ibitekerezo bye. Amahirwe ni uko bene uwo muntu ashobora kuba atuwemo na Roho w'Imana, bityo ibyo yakora byose ntibibere umuzigo abavandimwe be. Iyo rero abikoze agira ngo abereke ububasha afite cyangwa abafiteho, nta kabuza arangwa n'ubwirasi, ibyemezo bye ntibyubake ahubwo bikaba ibyo gusenya gusa.

ICYO IJAMBO RY'IMANA RITUBWIRA

Abafite amahirwe yo gusoma no gusomerwa ijambo ry'Imana, hari umurongo bakwiye gufata bayobowe n'ibyanditswe bitagatifu. Turifashisha amasomo matagatifu dukura mu isezerano rya kera ndetse n'irishya.

Mwene Siraki aratubwira ko ibyo dukoze byose bigomba kujya birangwa n'ubwiyoroshye kandi ko uko umuntu agenda akomera ari ko agomba kurushaho kwicisha bugufi (Sir 3,17-24). Akomeza agira ati : « Ntukikuze wowe ubwawe, utavaho ugwa, maze ukikururira ikimwaro. Koko rero Uhoraho yatangaza amabanga yawe…(Sir.1,30). Ati : « Ntukikuze ushingiye ku bitekerezo byawe bwite, hato utazavaho usogotwa…(Sir.6,2-4). Arongera kandi ati : « Niba ari wowe bashinze kuyobora ibirori, ntukikuze ; mu bandi, uzabe nk'umwe muri bo,…(Sir32,1-13).

Mu gitabo cya mbere cya Samweli, aho batubwira uko Dawudi yishe Goliyati, dusanga ko Dawudi atari umuntu ugira gukabya ngo agurukane n'ibiguruka. Sawuli ngo yamwambitse ingofero y'umuringa mu mutwe, amuha n'ikoti ry'icyuma. Ariko Dawudi yaramubwiye ati: «Sinshobora kugenda nambaye ibi byose kuko ntabimenyereye»(1S17,38-39). Goliyati we w'umunyagasuzuguro yabwiye Dawudi ati : « Mbese wabonye ndi imbwa kugira ngo unsange witwaje inkoni ? » (1S 17,43).

Dawudi yatsinze kubera ko yari yitwaje izina ry'Uhoraho naho umufilisiti witwaje inkota, intambi n'icumu, ibye muzi uko byagenze.

Mu ibaruwa Pawulo intumwa yandikiye Abanyagalati hari aho agira ati « Naho uwakwirebamo kuba akataraboneka, kandi ntacyo ari cyo, uwo yaba yibeshya »… (Gal6,3-5).

Matayo Mutagatifu nawe aratubwira ko inkuru nziza ihishurirwa abaciye bugufi. Yezu ati : « Dawe Mutegetsi w'ijuru n'isi, ngushimiye ko ibyo wabihishe abanyabwenge n'abahanga, ukabihishurira abaciye bugufi »(Mt11,25-30). Akomeza atwereka aho Yezu avuga ati : « Uwicisha bugufi wese nk'uyu mwana uwo niwe usumba abandi mu ngoma y'ijuru »(Mt18,4).

UMWANZURO

Umugenzo wo kwiyoroshya ni ngombwa cyane mu buzima bwa buri munsi. Nk'uko twabibonye, igihembo cy'abikuza ni ugucishwa bugufi kandi batabishakaga. Ubukungu ubwabwo si bubi ariko iyo butagufashije kubana n'abandi neza, bugukururira umuvumo w'iteka, ukazamera nka wa mukire na Lazaro.

Igihe bene Zebedeyi basabaga Yezu ibyicaro bya mbere, hari aho yababwiye ko ushaka kuba mukuru muri bo yigira umugaragu w'abandi.

Yezu kandi akomeza avuga ko ataje gukorerwa ko ahubwo yazanywe no gukorera abandi (Mk10,45). Abayobora abandi rero bagomba kumenya ko babereyeho kubafasha, ko atari ukubakandamiza.

Abantu bakwiye kwirinda gukorera ijisho kugira ngo bagire abo bashimisha, kuko baba bababeshya kandi amaherezo ingaruka zikazabageraho bwa mbere iyo batahuwe. Dukwiye gushimisha Imana yo itabeshywa ntigire na kimwe kiyisoba. Tumenye ko ubuyobozi bwose bugengwa n'umuyobozi mukuru ari we Yezu Kristu. Umutegeka w'abasirikare dusanga mu Ivanjili ya Luka (Lk7,1-10) ni urugero rw'umuntu ufite ubutegetsi ariko akaba yaricishije bugufi imbere ya Yezu wari ugiye kumukiriza umugaragu. Yari azi neza ko afite abo ategeka, ko iyo abwiye umwe ati « Ngwino » aza, ati « Genda » akagenda. Imbere ya Yezu rero yirinze

kwigaragaza uko atari atinyuka kubwira Yezu ko adakwiye ko yakwinjira mu nzu ye ahubwo ko yavuga ijambo rimwe gusa umugaragu we agakira. Bityo rero nitubimenya aho kwikuza ni Yezu Kristu wenyine uzakuzwa muri twe, icyubahiro kimuharirwe wenyine.

Koko hahirwa abiyoroshya kuko bazatunga isi ho umurage(Mt5,4).

Fratri René Claude HAKIZIMANA

DIYOSEZI YA NYUNDO YUNGUTSE ABAPADIRI BATATU N'ABADIYAKONI ICYENDA MU MWAKA WA 2010

Ni batatu badatana,
ni icyenda rihesha ishema n'icyusa uwaritoye,
ni batandatu batahiriza umugozi umwe,
ni icumi ry'abadacumura, ni batanu batari bucura,
Nyundo we, uragahoza ingobyi i mugongo.

Muri iyi mpeshyi y'umwaka wa 2010, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo hamwe n'abapadiri, abihayimana, abakristu bose n'incuti za Diyosezi, bishimiye impano ikomeye Imana yabageneye yo kwakira abapadiri batatu bashya, abadiyakoni icyenda, hari abafaratiri batandatu barangiza stage pastoral, abandi icumi batorewe umurimo w'ubuhereza banatangira stage pastoral, na batanu batorewe umurimo wo gusomera imbaga y'abakristu Ijambo ry'Imana, kandi niko no mu iseminari nkuru za Kabgayi na Rutongo higamo abandi basore benshi kandi beza, bifitemo inyota yo gukorera Nyagasani batiganda.

Shimwa Mana, urakoze Mubyeyi Bikira Mariya

"Ibyiza byose Uhoraho yangiriye, rwose nzabimwitura nte ? Nzashyira ejuru inkongoro y'umukiro, kandi njye niyambaza izina ry'Uhoraho imbere y'iteraniro ryose ry'umuryango we wose. Nzatura igitambo cy'ishimwe, kandi njye niyambaza izina ry'Uhoraho;
Nzarangiza amasezerano nagiriye Uhoraho, imbere y'iteraniro ry'umuryango we wose, mu ngombe z'Ingoro y'Uhoraho, muri wowe Nyirizina, Yeruzalemu!"(Zab115,12-14; 17-19).

Aya magambo meza dusanga muri iyi zaburi, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo akunda kuyakoresha mu ntangiriro z'igitambo cy'Ukarisitiya, hirya no hino mu ma paruwasi aho aba yagiye gutanga isakaramentu ry'Ubusaseridoti ashimira Imana ibyiza idahwema kugirira Diyosezi yacu nziza. Hamwe na we se, twese ntidufite impamvu yo gushimira Imana?

Turashimira Imana yaturemye itwishushanyije, yatubaye hafi mu myaka yose tumaze, ihora itugirira imbabazi aho dutatira amasezerano ya Batisimu, Ugukomezwa, Ubusaseridoti, Ugushyingirwa; mbese aho twabangamiye itegeko ribumbye ayandi yose ari ryo ryo gukunda Imana n'umutima wacu wose, n'ubwenge bwacu bwose, n'imbaraga zacu zose, no gukunda mugenzi wacu nk'uko twikunda.

Turashimira Imana ko ihora iyobora intambwe zacu kandi igashyigikira gahunda n'imishinga yose myiza tuba tugambiriye gusohoza.

Uku gushimira Imana kandi ntigutana no gushimira Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene waragijwe Diyosezi ya Nyundo kuko ibyiza byose Imana yatugiriye yabinyujije kuri Yezu Kristu n'Umubyeyi we Bikira Mariya, Umubyeyi w'abakene.

Ni muri urwo rwego, tariki ya 15 Kanama, ku munsi mukuru wa Assomption: umunsi mukuru w'ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya, nk'uko abigenza buri mwaka, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, akikijwe n'Abasaserdoti, Abihayimana n'abakristu benshi baturutse mu ma paruwasi yose ya Diyosezi, bahuriye i Congo-Nil, yongera gutura Imana abapadiri 3 n'abadiyakoni 9 bashya agira ati : "Shimwa Mana, urakoze Mubyeyi w'abakene".

Dore amazina n'amaparuwasi aba bageni ba Kristu bavukamo :

Abapadiri ni : BAHATI Pascal wa Muramba,
KUBWIMANA François Xaver wa Kinunu,
na MUTUYIMANA Jean Claude wa Crête-Congo-Nil.

Abadiyakoni ni : BAHIZI Déogratias wa paruwasi ya Nyundo,
SIBOMANA Jean Damascène wa paruwasi ya Nyundo,
UWIMANA Jean François wa paruwasi ya Nyundo,
TUYISENGE Innocent wa paruwasi ya Muhato,
HITIMANA Noël wa paruwasi ya Gatovu,
IRIVUZUMWAMI Denys wa paruwasi ya Rambura,
KWITONDA Pie wa paruwasi ya Kinunu,
HODARI J.M.Vianney wa paruwasi ya Murunda,
na HAGUMINEZA Jean Paul wa paruwasi ya Kibuye.

Buri mukristu, ku bapadiri ho by'umwihariko, hari byinshi dusabwa kwihambiraho n'ibyo dusabwa kurekura, erega burya guhitamo ni ukuzinukwa. Muri ibyo turavuga nko kubana n'incuti iruta izindi, gukunda isengesho, ubwitonzi, kutihambira ku by'isi, n'ibindi.

Kubana n'incuti iruta izindi.

Buri mukristu, ku mupadiri bw'umwihariko, incuti iruta izindi ni Kristu. Ni We utwereka n'imigenzo myiza itugeza ku Mana Data ariyo ukwemera, ukwizera n'urukundo. Kristu kandi ni We bagomba guhora bareberaho kuko urugendo rugana Imana na We yarukoze igihe yagendaga agira neza aho anyuze hose (Intu 10,38). Abasaseridoti basabwa kumumenya no kumukurikiza mu nyigisho n'ingero nziza basanga mu gitabo gitagatifu, bakamumenyera mu masakaramentu bahawe ubwabo kandi bategetswe gutegurira abakristu bakanayabaha.

Gukunda isengesho

Yezu Kristu ni We wigisha intumwa ze gusenga. Mu kuzirikana neza isengesho yiyigishirije intumwa ze (Mt 6,9-13 ; Lk11, 1-4) nibwo abasaseridoti bamenya gusenga kandi kubitoza abandi ntibizabagore. Gusenga neza byongera ukwemera, ukwemera na ko kugatera umuntu inyota yo gusenga.

Abasaseridoti basabwa gusenga bashimira Imana ibyo yaremye, bayishimira amahoro, ituze n'ihumure itanga, bakayisaba amahoro, ukwihangana no gufashanya mu gihe cy'ibyago. Bakayishimira ingabire zayo ihora ibasenderezamo, bagahora basaba imbabazi n'ubuvunyi bw'Imana mu gihe bugarijwe n'ibyaha n'ibishuko, kandi ntibibagirwe no gusabira ubushyo baragijwe.

Guhora barangwa n'ubwitonzi

Umutima w'Umusaserdoti wagombye guhora wuje ubwitonzi bityo akabasha gukora igikwiriye; igihe ari ngombwa, niba ari cyiza kandi gifite ingaruka zubaka nyir'ukugikora n'abandi cyane cyane abo basangiye ubuzima n'umuryango ari wo Kiliziya. Bityo gukora neza no kunoza umurimo ashinzwe, mu gihe gikwiye, mu buryo n'ahantu habugenewe akabibonamo icyubahiro n'agaciro. Kuri ibi kandi, hakiyongeraho ukutarambirwa kuko Kristu bayobotse ari uw'ibihe byose; ni uw'ejo hahise, uwa none n'uwahazaza, mbese ni Kristu umwe iteka ryose. Ntaturambirwa, na twe ntitukamurambirwe.

Kutihambira ku by'isi

Umusaserdoti ni intumwa ya Kristu. Kristu ni umukiza w'abantu bose. Uko yabaye mu isi atari uw'isi kandi ni na byo yasabiye abe, bo n'abazamwemera bose babikesha inyigisho zabo (Yh 17,14-20) ni nabyo asaba intumwa ze.

Kohoka ku bintu, kwihambira ku ducogocogo tw'ubuzima, ishyari, amakimbirane, kurarikira ibibasumbye, kwiratana ubwenge n'ubugugu kuri bo ntaho byaba bitaniye no gukorera ibigirwamana.

Burya Umusaserdoti ni impano n'ingabire ihenze Imana iha umuryango wayo ku buntu, iyinyujije mu biganza by'ababyeyi n'abarezi.

Kudashimira ababyeyi barera abana babo neza kugeza bahaye Kiliziya abageni b'umutima byaba ari ukubura umutima mugari.

Ni n'inshingano ya buri mukristu gusabira izi ntore ngo hato Sekibi atazivangira zigasobanya.

Ahasigaye nimutekereze ibihuye

Nk'uko asanzwe abigenza neza, ari mu ma paruwasi yatangiyemo ubusaseridoti, ari i Congo-Nil ku munsi mukuru wa Asomusiyo, Umwepiskopi yashishikarije abapadiri bashya hamwe na bakuru babo guhora bavuga rumwe na Kristu, bagakurikiza ibyo bigisha, bakunga ubumwe n'Umwepiskopi na Kiliziya yose, bagahashya ingeso mbi zose, mbese bakirinda icyabacisha ukubiri n'amizero akubiye mu Ivanjili bamamaza.

Bagomba guhanura aho gutota, bakayoborana umwete, bagafasha abatishoboye banezerewe, bagahora barangamiye icyiza bakanagikora, bakarangwa no gufashanya no gukosorana hagati yabo ubwabo, guhora bishimye muri Nyagasani no kugirira Kristu urukundo nyarwo bizabaha imbaraga zo gukorera Imana n'abantu ntakibaziga.

Diacre Denys IRIVUZUMWAMI

SUGIRA USAGAMBE KILIZIYA GATOLIKA MU BUREZI N'UBURERE BY'ABANA B'U RWANDA.

INTANGIRIRO

Mbega ngo biraba byiza !
Mbega umwete, mbega umurava,
Mbega ishema n'ishyaka!

Uzi ko nanjye nari ngiye gusiga, iyo mpano ntarayihawe ! Impamvu irahari. Ni ku nshuro ya 3 hizihizwa mu gihugu hose umunsi wo gusoza "Icyumweru cy'Uburezi Gatolika".

Ku basoma iyi nyandiko, ubu hari abahise bibaza icyo iyo nyito (Icyumweru cy'Uburezi Gatolika) ishatse kuvuga. Abo nabo ndabumva ni abataragize amahirwe yo kubishishikarizwa ngo babimenye; ndabacira ku mayange, mbabwire uko icyo cyumweru gitegurwa; birabaha kumva icyo bishatse kuvuga ntiriwe njya mu mavu n'amavuko yacyo ngo nkore urutonde rw'abafashe iya mbere mu kugitekereza n'abagishyize mu bikorwa; bityo namwe ubutaha bizabatera amatsiko muhaguruke muze kwirebera no kwiyumvira aho "Uburezi Gatolika" buganisha igihugu (ari cyo twebwe twese) no kurera by'umwihariko abana bacu; mu kumva kandi imihigo ibyo bibondo bihiga ku bwende bwabo kugira ngo namwe mushobore kuzajya mubibafashamo.

1. ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA NI IKI ?

Ni igihe abashinzwe uburezi mu bigo by'amashuri gatolika bagena kugira ngo bazirikane ku burezi n'uburere bitangirwa mu bigo byabo. Icyo gihe ni icy'iminsi 2 cyangwa 3 bafata mu cyumweru kimwe cy'ukwezi kwa 6 buri mwaka abana bakabona akanya ko kugaragaza ubumenyi n'ubuhanga bafite.

Nk'uko natangiye mbivuga, uyu mwaka ubaye uwa gatatu mu Rwanda hose hategurwa hakanizihizwa "Icyumweru cy'Uburezi Gatolika". Icyo cyumweru gitegurirwa mu nzego zose zirebwa n'Uburezi Gatolika.

a) Ku rwego rwa SNEC imyiteguro yacyo ikorwa ite ?

Abashinzwe Uburezi Gatolika mu ma Diyosezi baraterana batumiwe n'Ibiro bishinzwe Uburezi Gatolika mu rwego rw'Igihugu (SNEC) bagashakira hamwe Insanganyamatsiko amashuri Gatolika yose yo mu Rwanda azagenderaho. Ariko, iyo gahunda itegurwa ubwa mbere bashatse INSANGANYAMATSIKO IHORAHO irasa ku ntego nyakuri y'uburezi mu mashuri Gatolika, igira iti : "KILIZIYA GATOLIKA MU GUTANGA UBURERE BUHAMYE". Icyo ni cyo cyerekezo cya mbere cy'Uburezi Gatolika.

Iruhande rw'iyo "Nsanganyamatsiko ihoraho", buri mwaka habaho Insanganyamatsiko yihariye bakayihitamo bagendeye nko ku bihe by'ingenzi Kiliziya Gatolika iba irimo muri uwo mwaka, cyangwa se icyo igihugu gishishikariza abaturage muri icyo gihe. Niho rero havuye izi Nsanganyamatsiko zihariye kuri buri mwaka:

- Mu mwaka wa 2008 Insanganyamatsiko yihariye yagiraga iti: "Kabeho, Gira amahoro muvandimwe muri Kristu".
- Mu mwaka wa 2009 ikagira iti :"Paulo Mutagatifu, urugero rw'ubwitange n'urukundo mu burezi".
- Mu mwaka wa 2010 nawo iti :"Tunogere Imana twimika ubutabera n'amahoro mu ishuri ryacu".

b) Ku rwego rwa Diyosezi na Paruwasi imyiteguro y'icyo cyumweru ikorwa ite ?

Habanza kubaho ishishikazwa (sensibilisation) rigakorwa ku nzego zose zirebwa n'Uburezi (abana, abarezi, ababyeyi, abo mu buyobozi bwite bwa Leta, ubw'ingabo na polisi...) Icyo gihe Abapadiri bakuru b'ama paruwasi n'abayobozi b'ibigo by'amashuri gatolika batumira buri rwego bakabasobanurira bihagije ibirebana n'"Intego" y'icyumweru cy'uburezi muri uwo mwaka, bakanajya inama y'icyo buri wese yakora kugira ngo iyo ntego izashyirwe mu bikorwa ye kuba amagambo gusa. Ubwo rero, iyo insanganyamatsiko igeze mu ma paruwasi, abayobozi b'ibigo by'amashuri bageza ku barezi no ku barerwa gahunda yo gutegura icyo cyumweru, nuko buhoro buhoro imyiteguro igatangira.

Abarerwa

- Babasobanurira insanganyamatsiko izaranga imyiteguro y'icyumweru cy'uburezi gatolika; bagashishikarizwa kugira imyitwarire ijyanye nayo.

-Hari n'isengesho rijyanye n'intego y'icyo cyumweru baba barabateguriye rikavugwa buri gitondo riyobowe na mwarimu.

- Bashishikaza abana, bikabacengera, bakivumburamo impano zinyuranye zizabafasha kugaragaza muri icyo cyumweru ibyo bavomye mu burezi gatolika, ni ho bavana guhimba imivugo, indirimbo, abazi gushushanya bakagaragaza ibitekerezo byabo kuri iyo ntego mu bishushanyo (bandes dessinées).

Abayobozi b'ibigo

- Batumiza inama z'ababyeyi bakababwira gahunda y'icyo cyumweru n'ibyo bazagikoramo kugira ngo ibyo abana babo bazabakeneraho bazabibafashemo.
- Na none bamenyesha ubuyobozi bwite bwa Leta gahunda iba ihari kugira ngo nayo izagire uruhare nko mu gushakira ibihembo abana batsinze neza kurusha abandi.

Abapadiri ba za paruwasi

Bafatanya n'abadiregiteri mu gushaka abarimu bafite ubwitange mu murimo wabo kuko buri mwaka hari umwarimu uhemberwa icyo yagaragajemo umurava kurusha abandi bitewe n'icyo ubwabo bihitiyemo kureba muri uwo mwaka.

Ese iyo imyiteguro y'icyumweru cy'uburezi gatolika gitangiye amasomo asanzwe arahagarara ? Oya da ahubwo uko kucyitegura bibafasha kutagira akanya kabo bapfusha ubusa kuko umwanya utari uwo amasomo abana baba bahugiye mu bihangano byabo.

2. UMUHANGO NYIRIZINA WO GUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA

- Ibiro bishinzwe amashuri gatolika mu rwego rw'igihugu (SNEC), bigena amataliki icyo cyumweru kizizihirizwaho : ku rwego rwa paruwasi, ku rwego rwa Diyosezi no ku rwego rw'Igihugu.
- Abanyeshuri baba baragize igihe gihagije cyo gutekereza ku bihangano bazerekana mu gihe cy'irushanwa ry'amashuri. Babikora bishimye cyane kuko ari akanya kuri bo ko kugaragaza ibyo bifitemo (ubuhanga n'ubuhanzi bwabo).
- Muri icyo cyumweru cyiswe rero icy'uburezi gatolika, Padiri Mukuru n'Abayobozi b'ibigo by'amashuri gatolika bagena umunsi amarushanwa azaberaho ku rwego rwa paruwasi bikamenyeshwa inzego zose bireba. Iyo taliki yagera ibigo byose bigahura, abana bakerekana ibihangano byabo.
- Ababaye aba mbere, paruwasi n'ibigo baba babageneye ibihembo.
- Muri izo nomero zabaye iza mbere ni nazo zitoranywamo izizerekanwa ku rwego rwa

Diyosezi. Aha nababwira ko Diyosezi itaragira uburyo bwo guhemba ababaye aba mbere kuri urwo rwego, ariko umuntu yakwizera ko nabyo bizaza.

- Ntimugire ariko ngo Diyosezi ibibamo nk'indorerezi ; kandi ari ibyayo ! None se hahembwa abarerwa gusa abafite uruhare runini rwo kubarera bo bakaviramo aho ? Padiri Mukuru, abayobozi b'ibigo n'abarimu ubwabo baricara bagahitamo wa murezi ugaragaraho umwete n'umurava mu birebana n'intego y'uwo mwaka, akazabibonera igihembo. Nyiricyubahiro Musenyeri Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo agenera uwo Murezi Certificat nziza cyane yitwa ISHIMWE ; iyo ubushobozi bwabonetse iherekezwa n'ikindi kintu.
- Nta kimenyane, nta ruswa nta nkunzi ; habaho komisiyo ishinzwe ijonjora bakayiha ingingo ngenderwaho (critères de séléction). Babanza guhitamo umwarimu kuri buri kigo nyuma hakazabaho ijonjora ry'ingenzi muri abo bose batoranyijwe muri paruwasi.

3. IMBUTO BYERA

- Ikigaragaza ireme n'agaciro bifite mu rwego rw'uburezi ni uburyo bimwe mu bigo bitari ibya Kiliziya gatolika biri hafi, uyu mwaka nabyo byitabiriye kwizihiza icyo cyumweru hamwe n'abandi.
- Bitera abana ishyaka kuko igihe bashakisha ibihangano, baratekereza, baba bakoresha ubwenge, bakarushanwa (compétition), ntibarangara, ntibanebwa kuko bashaka kujya imbere.
- Abarezi nabo bibatera ishyaka n'umurava kugira ngo ishuri ryabo rizabe irya mbere.
- Buri murezi nawe aba aharanira ko yazatoranywa mu ngenzi.
- Biba umwanya ukomeye wo guhuza abantu banyuranye bakaganira ku burezi, abantu bakamenyana, bakamenya n'uburyo bahagaze bigereranyije n'ibindi bigo.
- Byabyukije muri benshi isura nziza abantu bari bafite ku mashuri gatolika ubu bikaba byasaga naho ari mu muhwekero.

UMWANZURO

Mbona ko gushyigikira no kurushaho kunonosora ihimbazwa ry'icyo cyumweru cy'Uburezi gatolika bifitiye akamaro kanini igihugu ndetse n'abana bacu kubera izi mpamvu eshatu z'ingenzi :

a) Gutanga icyerekezo cy'uburezi kugira ngo abana barusheho kugira ubwenge, uburere n'umuco, ari nabyo bifasha umuntu kuba nyawe.
b) Gushishikaza inzego zose zirebwa n'uburezi (abana, ababyeyi, ubuyobozi bwite bwa Leta…) kugira ngo bakangukire kwita kuri uwo murimo shingiro ry'ubuzima bw'Igihugu.
c) Kugira umwanya wo kugaragaza ibyiza dukesha uburezi kugira ngo abatabonaga umwanya wo kubibona nabo bibabere imbarutso yo kubukunda.

Ibyo twavuga by'icyo cyumweru ni byinshi, reka mpinire aha ibyiza biri imbere !

BAZAMURANGA Janvière
Umunyamabanga mu biro bishinzwe Uburezi Gatolika /Diyosezi ya Nyundo.

TWIZIHIJE UMUNSI MUKURU WA ASSOMPTION I CONGO-NIL

Nkuko bisanzwe bigenda buri mwaka, i Congo-Nil ku murwa wa Bikira Mariya, hongeye guteranira imbaga y'abakristu baturutse impande zose, baje kwizihiza umunsi mukuru w'ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya. Hari Abihayimana, Abasaserdoti, barangajwe imbere n'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE.

Abakristu bamwe bari baraye i Congo-Nil, bazinduka bafatanya n'abandi kuzirikana ububabare bwa Kristu, bakora inzira y'umusaraba berekeza ku musozi wa Kalvariyo aho Kristu yaducunguriye.

Misa yo kwizihiza uwo munsi mukuru yayobowe n'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, ari kumwe n'abasaserdoti ba Zone pastorale ya Kibuye na bamwe mu ba Zone ya Gisenyi. Hari n'abafratri ba Diyosezi barimo n'aba Diyakoni babuhawe muri iyi minsi.

Mu butumwa Umwepiskopi yatangiye aho i Congo-Nil, yibukije abakristu guhora bashimira Imana ibyiza ihora ibakorera, kandi bakibuka no gushimira abantu bose babagirira neza.

Yongeye kandi kuyishimira ibyiza ikomeje kugirira Diyosezi yacu, kuko muri uyu mwaka yungutse abandi basaserdoti 3, n'aba Diyakoni 9 bitegura kuzabuhabwa umwaka utaha. Ati dufatanye kuyishimira, n'ubuntu butangaje Imana igiriye Diyosezi yacu, kuko Irayihojeje. Yabatuye Umubyeyi Bikira Mariya, kugirango bazerere imbuto Diyosezi yacu, bityo barangize neza ubutumwa biyemeje.

Yongeye gushimangira imibanire myiza ikwiye kuranga umuryango w'abakristu barebera ku ngero nziza zaranze Umubyeyi B.M, : kumenya kwiyoroshya, kwihangana, kwicisha bugufi, kugirango babere urugero abo bashinzwe kurera, bazakure bazi Imana kandi bunze ubumwe mu rukundo . Aboneraho kwibutsa abakristu mu ngeri zose, gukomeza amatsinda y'abana mu muryango-remezo, wo shingiro ry'ubukristu.

Uwo munsi mukuru wahimbajwe na Korali Magnificat yo muri Paruwasi ya Gisenyi yavutse kuri Assomusiyo, ikaba yari yaje gushimira Umubyeyi Bikira Mariya wagumije kuyiba hafi no kuyikomeza, mu myaka ine imaze ivutse.

Mubyeyi Bikira Mariya, udusabire !

BAMURANGE Françoise

RADIO MARIA YASUYE PARUWASI YA NYUNDO

Kuva tariki ya 30/8/2010 kugera tariki ya 5/9/2010, intumwa ya RADIO MARIA RWANDA yari muri Paruwasi ya Nyundo. Yagendereye Santrali zose zigize Paruwasi ya Nyundo ndetse by'umwihariko abonana n'urubyiruko rwa Paruwasi. Nk'uko bigenda n'ahandi RADIO MARIA RWANDA yasuye, Misa ya buri gitondo muri icyo cyumweru yatambukaga kuri Radio.

Mbere yo kuvuga by'umwihariko kuri urwo ruzinduko rwa Radio Maria Rwanda ku Nyundo reka ? tuvuge kuri RADIO MARIA RWANDA muri rusange.

1. AMAVU N'AMAVUKO YA RADIO MARIA RWANDA

Nk'uko tubisoma kuri Dépliant yateguwe na Radio Maria Rwanda, batubwira ko RADIO MARIA RWANDA yatangiye kumvikana ku itariki ya 15 .08.2004 (ku munsi mukuru wa Assomption aho twibuka Bikira Mariya ajyanwa mu ijuru). Iyo radiyo igamije gufasha igihugu na Kiliziya Gatolika gusana imitima no kubaka ubukristu bubyara ubuvandimwe.
Radio Maria Rwana yatangiriye i Kabgayi mu ntara y'amajyepfo, itangira yumvikanira ku murongo umwe, none ubu yumvikanira ku mirongo itatu ya FM. Hari 88.6 i Muhanga, 97.3 mu mujyi wa Kigali, iburasirazuba no mu majyepfo na 99.8 iburengerazuba.

2. RADIO MARIA RWANDA IBAYEHO ITE ?

Radio Maria Rwanda ni Radio y'iyogezabutumwa. Ntikora ibikorwa by'ubucuruzi byayizanira amafranga. Nta n'ibindi bintu bindi ifite byayinjiriza amafranga. Nyamara kandi kugira ngo igere ku bakunzi bayo bari hose mu gihugu n'igihe cyose ikenera byinshi. Muri byo twavuga nk'ibi bikurikira :

-Ingufu z'amashanyarazi zituma ibyuma byayo bikora amasaha 24 kuri 24
-Telephone ikoreshwa kugira ngo misa ya buri gitondo ihite kuri Radio
-Gukodesha imirongo (frequencies) ivugiraho
-Guhemba abakozi
-Gukodesha inzu ikoreramo
-N'ibindi……..

Kubera iyo mpamvu, Radio Maria Rwanda iteze imbaraga nyinshi ku bantu bafite ishyaka ryo kuyifasha kwamamaza inkuru nziza. Muri bo twavuga:

-abaterankunga bahoraho
-abandi bayifasha mu gushaka no kwegeranya inkunga mu mpande zose z'igihugu
-abakristu bayumva bakiyemeza kugira icyo bigomwa.

Kugira ngo Radiyo Maria Rwanda yorohereze abafite ubushake bwo kuyitera inkunga, ikoresha uko ishoboye ngo inyure muri Paruwasi zose z'igihugu aho ikusanya inkunga ziba zateguwe guhera mu miryangoremezo. Radio Maria Rwanda yanatekereje no k'uwashaka kuyitera inkunga adategereje igihe umukozi wayo azagerera muri Paruwasi ye. Hari Konti ebyiri yafunguje kugira ngo abantu bajye bazitabaza.

Muri ECOBANK ni Konti n° 108-06646001-59
Muri BK(Banque de Kigali) ni Konti n° 056-0293574-40

Hari n'abashobora kunyuza inkunga yabo kuri Padiri mukuru wa Paruwasi yabo.

3. RADIO MARIA RWANDA IGAMIJE IKI

Radio Maria Rwanda igamije ibi bikurikira :

- Gufasha abasaza n'abakecuru batagifite imbaraga zo kugera ku kiliziya, kubafasha gusenga no gusabana n'abandi bityo bagashira irungu.

- Gufasha abarwayi n'abandi bafite intege nke, cyangwa se bari mu kazi kuguma mu isengesho no mu musabano n'Imana ndetse n'abandi.
- Guhugura, guhuza abantu aho bari hose no kubafasha kwiyubakamo umuco w'amahoro n'urukundo bityo bakabasha kubana neza na bagenzi babo kandi bakabana neza n'ibindi biremwa bibakikije.
- Gufasha urubyiruku kubakira kuri Yezu bityo bakabasha kwirinda ibibi byose byatuma batagira ubuzima bwiza

4. IBIGANIRO BITANGWA NA RADIO MARIA RWANDA

Ibiganiro bya Radio Maria Rwanda byibanda ku nyigisho zifasha abakristu gusobanukirwa na Kiliziya Gatolika, amasengesho n'indirimbo zifasha muntu gusenga no kunga ubumwe n'Imana, ibiganiro bindi bifasha umuntu kugira roho nzima mu mubiri muzima, amakuru, urubuga rw'imikino, amakinamico n'ibindi…..

5. ABAKORERA RADIO MARIA RWANDA

Uretse abakozi bake bafite akazi bahemberwa ku kwezi ariko kandi batagira amasaha y'akazi (bitabazwa kenshi), hari n'abakorerabushake bitanga muri gahunda zinyuranye za Radio Maria Rwanda. Mur ibo twavuga :

- abayisabira amanywa n'ijoro
- abatanga ibiganiro
- abatera inkunga mu gutunganya ibiganiro
- abasusurutsa kuri Radio
- abakora indi mirimo inyuranye nko gukora isuku kuri Radio Maria Rwanda
- abiyemeje kuyishakira inkunga aho bari hose
- n'abandi bayitangira ku bundi buryo

6. IBYO RADIO MARIA RWANDA ITEGANYA GUKORA

- kongera iminara kugira ngo Radio Maria Rwanda ibashe kumvikana mu bice byose by'igihugu
- Kubaka icyicaro cya Radio Maria Rwanda i Kigali (Ubu ikibanza cyarabonetse)
- Kurushaho kwegera abakristu ma ma diyosezi, mu ma paruwasi kugera ku rwego rw'umuryangoremezo kugira ngo barusheho gusobanukirwa n'imikorere ya Radio Maria Rwanda no kubashishikariza kuyitera inkunga.
- Gukomeza gutega amatwi abakunzi ba Radio Maria Rwanda kughira ngo ibiganiro byayo bishingire ku bitekerezo by'abayitega amatwi.
-

RADIO MARIA RWANDA KU NYUNDO

Nk'uko twabivuze haruguru, kuva tariki ya 30/8/2010 kugera tariki ya 5/9/2010, intumwa ya RADIO MARIA RWANDA yari muri Paruwasi ya Nyundo. Ni ubwa mbere intumwa ya Radio Maria Rwanda yari isuye Paruwasi ya Nyundo ku mugaragaro. Abakristu benshi bakiranye ibyishimo iyo nkuru maze bitabira ubutumire ari benshi. Intumwa ya Radio Maria Rwanda Vincent de Paul NTABANGANYIMANA ari kumwe na Vincent Umuhoza, umukorerabushake wa Radio Maria Rwanda muri Paruwasi ya Nyundo basuye Santrali zose zigize Paruwasi ya Nyundo. Vincent de Paul Ntabanganyimana yasobanuye ku buryo burambuye imikorere ya Radio Maria Rwanda ahereye ku mavu n'amavuko yayo nk'uko byavuzwe haruguru.

Abakristu bamaze kumva neza uruhare rwa Radio Maria Rwanda mu iyogezabutumwa rigamije kubageza ku bukristu bubyara ubuvandimwe, bamaze no kumva icyo basabwa kugira ngo Radio Maria Rwanda, Radio yabo irusheho gutera imbere batanze inkunga ku buryo bukurikira:

Aho amafranga yaturutse	Uko angana
1. Santrali Kanama	532.150
2. Santrali Nyabirasi	474.555
3. Santrali Bulinda	236.220
4. Santrali Rusamaza	235.540
5. Santrali Nyundo	159.230
6. Santrali Kinigi	154.010
7. Urubyiruko	36.890
8. Abanyeshuri Kanama	16.500
9. Succursale st Augustin(Inama y'Abakozi)	20.000
10.Gushimira- Nyundo	84.810
Yose hamwe	1.949.905

Umukozi wa Radio Maria Rwanda yashimiye abakristu ubwitange bagaragaje bitabira ubutumire kandi bakigomwa uko bashoboje ngo batere inkunga Radio Maria Rwanda. Yavuze kandi ko bazirikana ko hari aho Radio Maria Rwanda itumvikana neza akaba ari nayo mpamvu bafite gahunda yo kuzubaka umunara uzafasha abatuye aka gace kuyumva neza. Yashoje avuga ko azakomeza kubazirikana aho azaba ari hose anyuze ku ba padiri bashinzwe Paruwasi ya Nyundo.

MUSEBYUKUNDI Didace

SEMINARI YA NYUNDO YAHIMBAJE UMUNSI WA MUTAGATIFU PIYO WA 10

Nk'uko bisanzwe, buri mwaka Seminari nto yo ku Nyundo yizihiza umunsi wa Mutagatifu Piyo wa 10 iyo Seminari yaragijwe. Muri uyu mwaka, Seminari yijihije uwo munsi tariki ya 12/9/2010.

Ku munsi nk'uyu habaho gusubiza amaso inyuma, abantu bakareba ibyabaye mu mwaka uherutse ndetse bakareba n'ibyabaye mu yindi myaka bifitanye isano n'uwo munsi. Muri urwo rwego, Padiri Visenti Harorimana, umuyobozi wa Seminari nto yo ku Nyundo yagaragaje ko Seminari ayobora imaze gufata umurongo uboneye kuva yongeye gufungura imiryango mu 1995.

Yavuze ko abana bahiga bagaragaza umusaruro ushimishije, haba mu bijyanye n'amasomo asanzwe ndetse no mu bundi bumenyi. Ni mu gihe kandi kuko, nk'uko Padiri Visenti abivuga, abana baza mu iseminari baba baratsinze ibizamini byinshi by'igeragezwa. Yavuze ko iyo bageze mu iseminari babona uburyo buhagije bwo gukurikirana amasomo ndetse bakanabona igihe cyo kwihugura mu bindi. Aha twavuga nko mu bijyanye na Muzika aho usanga hari abana benshi bafite iyo mpano. Ibyo birumvikana kandi kuko bafite umutoza w'inararibonye kandi w'umuhanga muri muzika ariwe Nyakubahwa Musenyeri Dominiko Ngirabanyiginya.

Ku birebana n'uko seminari yo ku Nyundo ihagaze mu karere irimo ndetse no mu gihugu muri rusange, Padiri Visenti yavuze ko mu Karere ka Rubavu no mu ntara y'Iburengerazuba kugeza ubu Seminari ari iya mbere. Yavuze kandi ko mu rwego rw'igihugu Seminari nto yo ku Nyundo idatangwa mu mihigo. Uretse ko iza mu myanya y'imbere mu gutsindisha haba muri tronc commun no muri section, seminari kandi imaze imyaka itatu ibona abana batsinda ikizamini cyo kujya kwiga muri Amerika. Muri iyo myaka itatu Seminari imaze kohereza abana batandatu aribo : Twagirayezu Gaspard, Masomo Piyo na Nsengiyumva Patrick (2008), Ngendahimana Thacien (2009), Bucuti Théogène na Kumutima Jacques(2010) .

Padiri Visenti yabwiye kandi uwari uhagarariye uburezi mu karere ka Rubavu ikibazo bafite cy'umugezi wa Sebeya. Yavuze ko mu gihe cy'imvura nyinshi hari igihe Sebeya yuzura, amazi agasendera muri amwe mu mazu ya Seminari cyane cyane aho abanyeshuri barara ubwo bakimuka, igihe amazi agabanutse bakagaruka. Yasabye iyo ntumwa ya Leta ko yabavuganira kugira ngo barebe uko baturana neza na Sebeya.

Musenyeri Dominiko yibukije ko Padiri Visenti Harolimana amaze imyaka 20 ari umusaserdoti , 10 muri yo akaba ayimaze ari umuyobozi wa Seminari nto yo ku Nyundo.

Nk'umuhimbyi wabizobereye, Musenyeri Dominiko Ngirabanyiginya yabwiye abari aho ko hashize imyaka 50 ahimbye indirimbo ya mbere mu majwi ane (polyphonie). Iyo ni zabuli ya 143 itangira igira iti*''Mbega ngo biraba byiza, bikananyura umutima, twibumbiye hamwe turi abavandimwe'',* yahimbye tariki ya 31/12/1960. Yavuze ko bitamworoheye kuyishyira ahagaragara kuko muri Kiliziya bari bamenyereye ko zabuli ziririmbwa mu ijwi rimwe.
Kuyishyira ahagaragara yabitewe mo inkunga na Musenyeri Gasore wari Igisonga cya Musenyeri Bigirumwami Aloyizi ndetse na Musenyeri Bigirumwami ubwe.

Uwari uhagarariye akarere muri ibyo birori Madame Médiatrice Mwangange ushinzwe uburezi mu karere nawe yahawe umwanya, atangira ashimira seminari yashatse ko intumwa y'Akarere ifatanya nabo muri ibyo birori. Yavuze ko akarere gashimira Seminari kubera uruhare rukomeye bagaragaza mu burezi. Nawe yagarutse k'uburyo abaseminari batsinda neza mu bizamini bya Leta, agaragaza ko seminari yo ku Nyundo iza ku mwanya wa mbere mu karere no mu ntara y'Iburengerazuba ibyo bigatuma akarere ka Rubavu kaza ku mwanya wa mbere mu ntara y'iburengerazuba n'umwanya wa gatanu mu gihugu. Yavuze no k'uburyo abaseminari bagaragaza impano nyinshi muri muzika, asaba Musenyeri Dominiko ubibatoza gutangira kugira uwo amenyereza kuzamusimbura igihe azaba atangiye kugira imbaraga nke.

Nyiricyubahiro Musenyeri Alegisi Habiyambere nawe yagaragarije ibyishimo bye abari muri ibyo birori.

Yatangiye avuga ko ari byiza kwishimira ko Padiri Visenti Harolimana amaze imyaka 20 abaye Padiri, akaba amaze imyaka 10 ari umuyobozi wa Seminari nto yo ku Nyundo kandi akaba ari kumwe n'umwe mu bana yayoboye ariwe Padiri Evariste Dukuzimana. Yavuze kandi

ko ari byiza nanone kwishimira ko Museyeri Dominiko Ngirabanyiginya amaze imyaka 50 ahimbye indirimbo ye ya mbere y'amajwi ane (Polyphonie). Kimwe n'abandi baraho, yatangajwe n'ukuntu iyo Musenyeri Dominiko aririmba usanga ijwi rye ntaho rihuriye n'imyaka agezemo. Aracyafite ijwi ryiza kandi risobanutse. Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yashimye ko uhagarariye abaseminari yagaragaje ko bakunda Seminari. Yishimiye kandi ukuntu abaseminari bagaragaje imikino myiza inyuranye ndetse bakaririmba mu ndimi zinyuranye. Yaboneyeho umwanya wo kubwira abaseminari kurushaho gukunda indimi bityo ibyo biga mu masiyanse(sciences) bagashobora kubisobanura neza haba mu gifaransa, mu cyongereza ndetse no mu giswahili cyane cyane ko turi mu karere(région) izo ndimi zose zivugwamo. Yagize ati : « kumenya indimi nyinshi mubyitoze. Muzivuge neza, ntimuzice »

Musenyeri yashimye kandi umwanya seminari igira mu bizamini bya Leta. Yaboneye ho kuvuga ko Abepiskopi b'u Rwanda bishimira ukuntu muri rusange amashuri ya Kiliziya gatolika ariyo aza imbere mu gutsinda ibizamini bya Leta. Yavuze ko mu mashuri gatolika amaseminari aza imbere.

Mu rwego rwo kurushaho kunoza uburezi mu mashuri gatolika, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yibukije ko Kiliziya gatolika yashyizeho icyumweru cy'uburezi gatolika, kandi mu gihugu hose iyo gahunda ikaba imaze kumenyerwa. Yavuze kandi ko mu mashuri gatolika bagomba gushyigikira indangagaciro zituma uburezi bugira ireme.

Amaze gushimira abaseminari ukuntu bateguye ibirori byiza kandi bakaba batsinda neza, Musenyeri Alexis yavuze ko yifuza ko abanyura mu i Seminari bose baba abagabo bakunda igihugu kandi bagikorera. Yavuze ko adakunda amafuti bityo akaba adakunda abantu b'amafuti. Yongeye kugaruka ku cyifuzo cye cy'uko amashuri ya Kiliziya yaba amashuri y'intangarugero(Ecoles d'excellence). Aha yavuze ko, nkuko adahwema ku bivuga, adashaka abana ''médiocres''. Yagize ati « abashaka kuba médiocres mujye mubasezerera hakiri kare ». Yifuje ko Seminari yaba ku isonga y'ubwenge n'uburere.

Musenyeri yashimiye abarimu uburyo bitanga, abasaba kudacika intege imbere y'ibigeregezo. Yibukije ko abana benshi biga bibagoye. Ababyeyi benshi bakabona ubushobozi bwo kurihira abana babo bigoranye. Yabasabye gukora uko bashoboye ngo abo bana ntibazapfube.

Musenyeri yavuze kandi no ku zindi gahunda za Diyosezi muri iki gihe. Yavuze ko muri uyu mwaka tugiye gusubiza amaso inyuma tukareba aho tugeze dushyira mu bikorwa imyanzuro ya Sinodi , dore ko hashize imyaka 10 dushoje Sinodi idasanzwe yabaye kuva tariki ya 13/11/1998 kugeza tariki ya 17/11/2001. Yavuze kandi ko muri iki gihe yatangiye gucutsa buhoro buhoro za paruwasi za Diyosezi ya Nyundo. Asaba abalayiki kubyumva kandi bakagira uruhari mu kwicungira Paruwasi. Yashoje yongera gushimira abagize uruhare bose kugira ngo uwo munsi utungane, abaragiza umubyeyi w'abakene.

MUSEBYUKUNDI Didace

ABANOVISI (NOVICES) BATANDATU BASEZERANYE BWA MBERE MU MURYANGO W'ABAHIRE BA NYINA WA JAMBO.

Kuwa kane tariki ya 7/10/2010, ku munsi mukuru wa Bikira Mariya umwamikazi wa Rozari, muri Chapelle ya Seminari nto yo ku Nyundo, abanovisi 6 b'abakobwa bateye intambwe ya mbere basezerana mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Igitambo cya Misa cyabanjirijwe n'umutambagiro w'abo banovisi basezeranye, baherekejwe n'abahire bakuru babo mu muryango bavuguruye amasezerano. Muri uwo mutambagiro, abanovisi bari bafashe amatara ashushanya Kristu ubarangaje imbere. Umutambagiro ubwawo ushushanya uko bazatambagira bajya mu ijuru.

Igitambo cya Misa cyayobowe na Padiri Fabiyani Rwakareke usanzwe ahagarariye Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, mu gukurikirana ibirebana n'umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo ari kumwe na Padiri Valens Abayisenga, padiri mukuru wa Paruwasi Muhato na Padiri Evariste Dukuzimana wigisha mu i Seminari nto yo ku Nyundo.

Mu nyigisho yagejeje ku bari mu misa, Padiri Fabiyani yavuze ko abanovisi basezeranye ku munsi wa Bikira Mariya Umwamikazi wa Rozari bakwiye kubwira Imana ko nta kindi kindi bayitura uretse kuyiyegurira bazirikana ibyiza byose yabagiriye ibinyujije ku mubyeyi Bikira Mariya. Padiri yakomeje avuga ko ubutorwe bwa Bikira Mariya ari umugambi w'Imana. Bikira Mariya yahawe kwakira ibyo ubwenge bwacu budashobora gushyikira. Yavuze ko no kwiyegurira Imana bibona abo Imana ishatse kubyihera bakabyumva. Ati « abo Imana itora biyemeza kuyiyegurira, nta kubyara cyangwa gutunga ibintu byabo ku giti cyabo, ahubwo bakarangamira Kristu wazutse ». ati 'ibyo ni byo abagiye gusezerana bagiye kwemeza bisunze Bikira Mariya. Ngo kuvuga ubutorwe bwa Bikira Mariya ni ukuvuga ubuntu buhebuje. Kuba Bikira Mariya yaratorewe kuzabyara umwana w'Imana wacunguye abantu ni ikimenyetso gikomeye cy'uko abantu bakesha ubutoni Bikira Mariya. Padiri yavuze ko igihe Imana itoye Bikira Mariya ngo abe nyina w'Umucunguzi yavanye abantu kure . Yavuze ko muri Yezu Kristu twahawe kuba abatoni . Padiri yakomeje avuga ko abantu batandukanye kandi bafite impano zitandukanye ariko buri wese afite uko ari umutoni ku Mana ku buryo bw'umwihariko. Muri uko kuba abatoni hari abo Imana itonesha ikabaha kuyiyegurira.

Padiri yavuze ko Rozari itwibutsa Bikira Mariya aherekeje umwana we mu murimo wo kuducungura. Amibukiro (ayo kwishima, ay'ishavu, ayikuzo, ay'urumuri…) arabigaragaza. Yavuze nonone ko Rozari itwereka ukuntu Kiliziya itakamba kubera ibyaha bya muntu aho bagira bati « …. Urajye udusabira twe abanyabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira » Yavuze ko ubuzima bwa Bikira Mariya bukwiye kutubera isomo cyane cyane ko iyibukiro iri n'iri rigira icyo ritwibutsa. Yibukije ko nkuko yavuganiye ab'i Kana Bikira Mariya natwe atuvuganira. Ati « Iyo tumutakambiye tuvuga rozari natwe aradutakambira ».

Padiri Fabiyani yaboneyeho umwanya wo kubwira abari aho inkomoko y'izina Abahire ba Nyina wa Jambo. Yavuze ko abari mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo biyemeza kubaho bisunze amagambo Yezu yavuze igihe yigishirizaga hejuru y'umusozi nk'uko tubisanga mu ivanjiri ya Matayo (Matayo 5, 1-12). Padiri yavuze ko abahire ba Nyina wa Jambo bumvise uko Yezu yacurukuye abantu bari baracuritswe n'ibintu, icyubahiro ndetse n'ubutegetsi. Yavuze ko inyigisho ya Yezu mu mpinga y'umusozi ibicurukura. Ati « mu gihe ab'isi babona gutunga ibya mirenge no gukomerwa amashyi ari byo guhirwa, ushaka kuzaronka ingoma y'ijuru asabwa kudategekwa n'iby'isi , akarangwa no kwiyoroshya, gutuza no gushakashaka Imana.

Abahire ba Nyina wa Jambo bagerageza kubaho mu bwiyoroshye nk'ubw'ab'i Nazareth. Babeshwaho n'imirimo isanzwe y'abaciye bugufi ariko kandi nyuma y'imirimo bakagira igihe cy'isengesho bataramira Yezu Kristu.

Padiri yashoje inyigisho ye asaba abari mu misa gusabira abari bagiye gusezerana bwa mbere ngo bazaharanire kubaho barangamiye Kristu.

Abasezeranye bwa mbere ni aba bakurikira : Nathalie Niyigena (Paruwasi Muramba), Pulchérie Niyibizi (Paruwasi Muramba), Placidie Mukarugwiza (Paruwasi Shangi), Beltilde Nishimwe (Paruwasi Kayenzi), Noelle Nyirahabiyaremye (Paruwasi Nyamasheke) , na Angélique Mukandayisenga (Paruwasi Rwaza). Ku mugaragaro bagize amasezerano y'umwaka umwe, ariko nk'uko umukuru w'abahire ba Nyina wa Jambo yabivuze isezerano ni iry'igihe cyose gusa bikaba biteganyijwe ko usezeranye bwa mbere agenda avugurura amasezerano buri mwaka, hashira imyaka itandatu agasezerana burundu.

Nyuma y'igitambo cya Misa abatumiwe bakiriwe mu rugo rukuru rw'abahire ba Nyina wa Jambo (Maison generarice). Amaze guha ikaze abashyitsi, umuhire Betrice Nahimana, umukuru w'abahire ba Nyina wa Jambo muri iki gihe, yabanje gushimira Mama Paul Emmanuel AZIYA ubafasha kuva kera abatoza ibyo kwiyegurira Imana.

Yashimiye Padiri Fabiyani wateguye abasezeranye, akabatagatifuza, none akaba yakiriye amasezerano yabo mu mwanya wa Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere , Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, bakitwa abiyeguriye Imana.

Yashimye Umuryango w'Abenebikira wemeye kubohererereza Mama Paul Emmanuel Aziya ngo abarere. Yifuje ko bakomeza kubaba hafi kuko ngo babuze ababafasha kwiyegurira Imana, ntaho bakwigeza. Yashimiye abageni bateye intambwe, abashimira ko nubwo bahuye n'ibigeragezo by'isi batacitse intege ahubwo batwaje ubugabo none bakaba biyemeje kubaho mu bukene no mu busugi.

Yashimiye kandi ababyeyi bareze abo bageni bakabatoza kumenya Imana. Yavuze ko bakoze umurimo ukomeye ariko kandi ngo bakomeze kurera kugira ngo abo bana babeho babereye Imana. Yavuze ko Imana izabitura ikabaha byose, ngo bashyingiye Imana ntacyo bazayiburana. Yashimiye n'abandi bahire ba Nyina wa Jambo bavuguruye amasezerano yabo asoza ashima buri wese mubari bitabiriye ibyo birori avuga ko babafasha muri byinshi.

Umukuru w'abahire ba Nyina wa Jambo yavuze kandi ko hirya no hino muri za Paruwasi aho abahire ba Nyina wa Jambo bari, abasezeranye bwa mbere ari mu kwezi kwa cumi nabo bavuguruye amasezerano bafashijwe n'abapadiri babo.

Uhagarariye abasezeranye nawe yahawe umwanya. Yabanje gushimira uwabareze mu nzira yo kwiyegurira Imana akaba abagejeje kuri iyo ntego. Yashimiye kandi Padiri Fabiyani Rwakareke nawe wagize uruhare mu burere bwabo kandi akaba yarabateguriye guhabwa amasezerano. Yagize ati « Twaramuvunnye, turamurushya, aratwihanganira ». Yashimye n'abapadiri baje kwifatanya nabo muri ayo masezerano, ashima n'abandi bihaye Imana babagaragariza urugero rwiza muri iyo nzira.

Yashimye kandi ababyeyi babibarutse bakemera ko bagana inzira yo kwiyegurira Imana, ashima n'inshuti zabateye inkunga ku buryo bunyuranye. Yarangije ashima Imana yabaremye ikababibamo imbuto y'ubutore, none ikaba yemeye ko baba abahire ba Nyina wa Jambo. Yoshoje asaba abari aho bose gukomeza kubasabira ngo bazakomeze inzira batangiye.

Uhagarariye ababyeyi nawe yahawe ijambo, atangira avuga ko bashimishijwe n'uko umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo wabatumiye muri ibyo birori, ngo ubereke aho ugejeje mu kurera abasezeranye. Yasabye ko uwo muryango wakomeza kubarerera kuko aho ugejeje hashimishije. Yagize ati « Turabashimiye, mukomeze mudufashe kurerera Imana ».

Padiri Fabiyani Rwakareke, Aumônier w'Abahire ba Nyina wa Jambo , nawe yaganirije abari aho. Yagize ati : « Nongeye kubaramutsa mbashimira ko mwaje gushyigikira abasezeranye uyu munsi. Mwajyaga mwumva abantu bavuga abahire none murababonye ». Yakomeje avuga ko nubwo abasezeranye bateye intambwe, badakwiye gutereranwa n'ababyeyi babo kuko nta gihe umwana aba adakeneye kurerwa. Yabwiye ababyeyi ko badakwiye kugira impungenge kuko bashyingiye Kristu. Yagize ati « Uwashyingiye Kristu aba yashyingiye Nyiribyose. Ubwo mwashyingiye Imana ntacyo muzayiburana ».

Padiri Fabiyani yavuze no ku bijyane n'ivugururwa ry'amasezerano mu gihe cy'imyaka itandatu. Yavuze ko Kiliziya , mu bushishozi bwayo, yashatse ko mbere yo gusezerana burundu uhamagarirwa kwiyegurira Imana agira amasezerano y'umwaka umwe avugururwa buri mwaka mu gihe cy'imyaka itandatu, nyuma akabona gusezerana burundu. Yavuze ko Kiliziya yabiteganyije ityo kugira ngo uwatsikira hagati aho afate indi nzira atarasezerana burundu.

Padiri yashimiye ababikira bo mu muryango w'Abenebikira bakomeza kuba hafi abahire ba Nyina wa Jambo, ashimira n'abandi biyeguriye Imana mu miryango inyuranye bakunda Abahire ba Nyina wa Jambo. Yashimiye abahire ubwabo, yishimira ukuntu bagenda biyongera buri mwaka agira ati''Imana niyo yiyoborera igikorwa cyayo''. Yavuze ko abahire ba Nyina wa Jambo bafite ukuntu babaho bitandukanye n'abiyeguriye Imana mu yindi miryango. Yavuze ko mu mibereho yabo bakora imirimo icirirtse mu rwego rwo gushaka uburyo bakwibeshaho bigana imibereho y'ab'i Nazareti. Yavuze ko ubuzima buciye bugufi aribwo buhesha Imana ikuzo. Padiri Fabiyani nawe yavuze ko nyuma y'imirimo inyuranye abahire bakora, bapfukama bagasenga.

Nubwo Abahire ba Nyina wa Jambo bakora imirimo inyuranye ibyara inyungu, Padiri Fabiyani yavuze ko ibyinjira byose bicungirwa hamwe umuryango ukagena uburyo bikoreshwa muri rusange. Bityo rero nta muhire utunga ibye bwite.

Yibukije ko abasezeranye biyemeje kubaho mu busugi, bakabaho badashatse nk'uko babisezeranye imbere y'abakristu. Yasabye abari aho gukomeza gusabira abasezeranye, yibutsa ko hari n'abandi basezeranye mbere ndetse n'abazakurikira bakeneye iryo sengesho. Yasabye abaturutse hirya no hino mu Rwanda kuba intumwa za Kiliziya bakajya bamenyesha abifuza kwiyegurira Imana ibyerekeye abahire ba Nyina wa Jambo.

Ibyo birori byaranzwe n'ibyishimo no gusabana byarangiye ahagana saa kumi.

Didace MUSEBYUKUNDI

ISHURI RYIGISHIJE BWA MBERE UMWANA W'UMUKOBWA SIYANSE (Sciences) RYIJIHIJE YUBILE Y'IMYAKA 50 RIMAZE RISHINZWE.

Kuwa gatandatu tariki ya 18/09/2010, Ishuri ry'Urwunge rw'amashuri rwitiwe Umwamikazi w'Afrika (GSNDA) ryo ku Nyundo ryijihije Yubile y'imyaka 50 ishize rishinzwe. Mbere y'uko tuvuga ku munsi nyirizina wa Yubile, reka turebe muri make amateka yaranze iryo shuri.

Amwe mu mateka ya GSNDA Nyundo.

Iryo shuri ryatangijwe n'Ababikira bera (Les Soeurs Missionnaires de notre Dame d'Afrique) mu mwaka wa 1958 babisabwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Aloyizi Bigirumwami wari umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo muri icyo gihe.

Ryatangiye ryigisha abakobwa imirimo yo mu rugo (école menagère) kuva mu 1958 kugera mu 1963, riza guhinduka icyiciro rusange(tronc commun) aribwo ryiswe collège inférieur de Nyundo kuva mu 1963 kugera mu 1967. Kuva icyo gihe ryakomatanyije icyiciro rusange n'ishami rya Sciences, rihinduka Lycée Scientifique de Nyundo. Icyo gihe ryayoborwaga na Marie Jeanne NOPPEN wakomeje kuriyobora kugera mu 1987. Iryo shuri ryigishije amashami anyuranye ya Sciences ariyo : Math-Physique, Biologire-Chimie , ryigisha kandi Ubunyamabanga(Secrétariat) n'indimi (Lettres).

Ubu iryo shuri rifite amashami atatu ariyo:

- Maths –chimie –Biologie
- Physique- chimie –Maths
- Anglais-Français-Kinyarwanda.

na Tronc commun.

Umunsi nyirizina wa Yubile

Ibirori by'uwo munsi byabimburiwe n'igitambo cya Missa cyaturiwe muri Cathédrale yo ku Nyundo. Isaa tatu zuzuye abanyeshuri b'iryo shuri , mu mwambaro mushya utandukanye na Uniforme basanganywe, bari bamaze kugera mu Kiliziya.

Igitambo cya Misa cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, akikijwe n'abasaserdoti benshi barimo Musenyeri Alphonse Rutaganda, ushinzwe uburezi gatolika mu Rwanda; Musenyeri JMV Nsengumuremyi, Igisonga cy'umwepiskopi wa Diyosezi Nyundo akaba ashinzwe n'uburezi gatolika muri Diyosezi ya Nyundo; Padiri Deo Niyibizi, recteur wa INES Ruhengeri n'abandi benshi.

Mu nyigisho ye, Musenyeri Alexis Habiyambere yavuze ko mu kwizihiza iyo Yubile bishimira ibyo iryo shuri ryagezeho. Yagize ati "iri shuri ryigishije abantu benshi bagiriye Leta na Kiliziya akamaro". Bamwe muri bo ni abayobozi mu rwego rw'igihugu, abandi n'ababyeyi babereye igihugu, abandi n'Abiyeguriye Imana mu miryango itandukanye. Yakomeje avuga ko Yubile ari umwanya wo gusubiza amaso inyuma kugira ngo ibintu bisubizwe mu buryo. Ati "nk'uko Bibiliya ibivuga, kwizihiza Yubile ni igihe cyo gusubiza ibintu mu buryo". (Levi 25,10).

Ku birebana na GSNDA Nyundo, Musenyeri yavuze ko iyi Yubile ikwiye kuba umwanya wo kwibaza niba abahize n'abahiga barushaho gushimangira ubuvandimwe, niba bihatira kudashyigikira akarengane. Yifuje ko abanyura muri irishuri baharanira ko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa.

Yavuze ko ubumenyi abanyeshuri babonera muri iri shuri bugomba gushyigikirwa n'ukwemera kwabo. Ati "uburere umwana ahakura bukwiye kumufasha kuzaba umunyarwanda wiyubaha kandi akaba ingirakamaro. Yavuze ko mu mashuri gatolika yacu tugomba guharanira ko ubumenyi bujyana n'uburere. Yifuje rwose ko amashuri ya Kiliziya gatolika yaba indashyikirwa. Yasabye abanyeshuri guharanira buri gihe kuba intwari, birinda ubunebwe.

Yaboneyeho gusaba abarezi gukoresha igihe cyabo neza bakakibyaza umusaruro utubutse. Yabasabye kwemera kuvunika kugira ngo bazaterwe ishema no kubona abo bareze babereye igihugu na Kiliziya. Yongeye gusaba abari mu misa kwishimira ibyo igihugu cyagezeho kubera uburere iri shuri ryatanze mu myaka 50.

Musenyeri Alexis Habiyambere yaboneyeho umwanya wo kubwira abayobozi b'amashuri gatolika ya Diyosezi ya Nyundo bari aho ko amashuri yacu agomba kugira icyerecyezo. Yagize ati: "Tugomba kugira uburere bufite indangagaciro nyayo, twimakaza ubunyangamugayo kugira ngo twubake ingoma y'Imana, kandi twubake igihugu kibereye abanyarwanda". Yashoje inyigisho ye aragiza abari aho Bikiramariya Umwamikazi w'Afrika akaba n'Umubyeyi w'abakene waragijwe Diyosezi yacu.

Gusura ishuri

Nyuma ya Misa, bamwe mu bashyitsi bakuru barimo Umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye Bwana Mathias Harebamungu basuye ishuri, bareba inyubako zinyuranye harimo ibyumba abana bigiramo sciences(laboratoires): Biologie, chimie na Physique, n'ibindi byumba bifasha mu burezi. By'umwihariko abana baberetse ibyo bigira muri iryo shuri haba mu birebana na Sciences ndetse n'ibirebana n'indimi. Umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye n'abo bari kumwe baboneyeho kureba ukuntu inyubako z'iryo shuri zishaje, dore ko kuva zubakwa zitigeze zivugururwa.

Nyuma yo gusura ishuri, ibirori byakomereje ku kibuga cy'umupira cya Paruwasi Nyundo. Abashyitsi bamaze kugera mu myanya yabo, hakurikiyeho ijambo ry'ikaze, hanyuma Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba yerekana abashyitsi bari baje ku rwego rwa Leta naho Musenyeri JMV Nsengumuremyi yerekana abashyitsi bari baje ku rwego rwa Kiliziya.

Ibikubiye mu ijambo ry'umuyobozi w'ishuri

Mu ijambo rye, Mama Clémentine Gasingizwa, umuyobozi w'Ishuri ryitiriwe Umwamikazi w'Afrika yavuze uko iryo shuri ryatangiye n'ukuntu ryagiye rihindura inyigisho kugeza ubu nk'uko twabivuze mu nshamake y'amakuru y'iri shuri. By'umwihariko yavuze ko muri GSNDA Nyundo badatanga ubumenyi gusa ahubwo baharanira kurera umuntu wuzuye, ibyo bakabigeraho bifashishije Devise yabo ariyo:Ubwenge(l'intellect), ubuzima bwa roho(le spirituel) no kwigirira icyizere (la confience en soi). Yavuze kandi ko bafasha aban barera kwiyubakamo indangagaciro zihamye nko kwibwiriza, ikinyabupfura, isuku, ubutabera n'ibindi. Ngo ibyo byose bizabafasha kuba indashyikirwa, bakaba abana batanga ibitekerezo nta mususu, ahubwo baharanira gushaka umuti w'ibibazo bafite. Yavuze kandi ko abanyeshuri baba mu miryango y'Agisiyo Gatolika y'urubyiruko aho bavoma kandi bakahagaragariza izo ndangagaciro.

Ku bijyanye n'inyubako z'ishuri, Mama Clémentine yavuze ko ishuri rifite amazu 2 gusa rishobora gucumbikira mo abarimu, yifuza ko bishobotse amacumbi y'abalimu yakwiyongera, kugira ngo abarimu bature hafi y'ishuri bityo bashobore gufasha abana neza. Yavuze kandi ko, uretse amazu ashaje, dore ko n'ubundi kuva ryakubakwa ritigeze risanurwa, ishuri ritigeze rigira inzu mberabyombi (salle polyvalente), bityo bakaba bafite umushinga wo kuyubaka. Biteganyijwe ko iyo salle yakuzura itwaye akayabo k'amafranga ari hagati ya 78.460.000 na 80.000.000. Yasabye abazabishobora bose kubibafashamo.

Mama Clémentine yavuze no kubyo ishuri ryagezeho. Yavuze ko iryo shuri ryareze abantu benshi kandi bahagaze neza ku rwego rw'igihugu. Bamwe muribo ni aba bakurikira: Madame Aloyisiya Cyanzayire , Prezida w'urukiko rw'ikirenga, Senateri Dr Odette Nyiramirimo, Ministre Nyirahabimana Valérie, Ministri w'Ububanyi n'amahanga Louise Mushikiwabo, Dr Marie Rose Mukankomeje uyobora ikigo cya Leta cyita ku bidukikije, Dépité Marie Mukantabana, , Ambasaderi Eda Mukabagwiza, Dépite Euthali Nyirabega n'abandi.

Yavuze kandi ko mu mwaka ushize wa 2009, abana bose bakoze Tronc commun babonye amanota abafasha gukomeza amasomo. Abo mu mwaka wa gatandatu nabo bose baratsinze.

Yakomeje avuga ko uyu mwaka ishuri rifite abanyeshuri 715 n'abarezi 29 harimo 6 bashinzwe n'imirimo mu rwego rw'ubuyobozi.

Mama Clémentine yarangije ashimira abantu bose bagize uruhare mu iterambere ry'iri shuri ahereye kuri Musenyeri Aloyizi Bigirumwami n'abamusimbuye bose. Yashimye ko Musenyeri Bigirumwami yabaye uwa mbere mu kwereka abanyarwanda ko n'umwana w'umukobwa ashobora kwiga Sciences. Impano yagenewe Diyosezi ya Nyundo yashyikirijwe Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.

Umuyobozi w'ishuri yashimye kandi Ababikira bera (Soeurs Missionnaires de Notre Dame d'Afrique) bagaragaje ko mbere yo kwiga Sciences umwana agomba kuba umuntu nyamuntu. Ishuri ryageneye uyu muryango impano, ishyikirizwa Mama Thérèse wari muri ibyo birori.

Yashimiye kandi Abafashabutumwa basimbuye Ababikira bera mu buyobozi bw'iryo shuri, ashima cyane Mademoiselle Marie Jeanne Noppen watangije ishami rya Sciences ndetse akaba ari nawe wayoboye ishuri igihe kirekire (1968-1987). Abafashabutumwa nabo bagenewe impano, maze ishyikirizwa Mademoiselle Marie Nathalie Icyimpaye wari muri ibyo birori.

Yashimiye na Ministeri y'uburezi idahwema kubatera inkunga, azirikana cyane ko yabubakiye Laboratoire ifite ibyumba bitatu, icya Chimie, icya Biologie n'icya Physique ndetse igashyiramo ibikoresho. Ministeri nayo yagenewe impano maze ishyikirizwa Umunyamabanga wa Leta Bwana Mathias Harebamungu.

Uhagarariye abanyeshuri yahawe umwanya .

Uhagarariye abanyeshuri biga muri GSNDA Nyundo, Mademoiselle Kagoyire Aimée, nawe yahawe ijambo muri ibyo birori. Yatangiye ashima buri wese mu baje kwifatanya nabo mu iyo Yubile. Yashimiye abatangije Sciences mu ri iryo shuri mu 1968 baharanira guteza imbere uburere bw'umwana w'umukobwa. Yavuze ko nabo bakora uko bashoboye ngo baheshe ishema ishuri ryabo, baba abaharangije ndetse n'abakihiga.

Mademoselle Kagoyire yavuze no ku buryo bafashwe muri iryo shuri. Yavuze ko ifunguro ribageraho nta kibazo, kandi ko babona ibiryo by'ubwoko bwose, mbese ngo ntawicira isazi mu jisho.

Ku birebana n'imikino, Kagoyire yavuze ko, n'ubwo nta bibuga bihagije bafite, bagerageza kwitwara neza. Ngo bakina Football, Handball, Basket ball, Volleyball na Karate. Bafite kandi na Clubs zinyuranye bunguraniramo ibitekerezo. Kagoyire yagaragaje ko nta salle polyvalente bafite. Ngo iyo bafite nk'ikinamico bajya gutira mu i Séminari nto, nubwo ngo urutirano rutamara imbeho.

Ku birebana n'imyigire, Kagoyire yavuze ko nta kibazo bafite. Ngo Bourses ziraboneka kandi ngo muri GSNDA Nyundo niho abaminisitiri n'abadepite bava. Ngo abize muri iryo shuri bariranga. Ngo barangwa n'urugwiro, kwibwiriza, umurava no gutebuka. Nawe yashimangiye ya ntego bagenderaho ishingiye ku ngingo eshatu ari zo: ubwenge, ubuzima bwa roho no kwigirira icyizere. Yarangije ashimira abarezi kubera ko babahana kibyeyi. Yashoje aragiza abari aho bose Umwamikazi w'Afrika.

Abarangije mu GSNDA Nyundo nabo bari bahagarariwe

Uhagarariye abize muri iryo shuri nawe yahawe akanya, maze atangira yishimira ko ishuri bizemo ryongeye kubahuza. Yashimye ko umwana w'umukobwa yitaweho akaringanira na basaza be. Yavuze ko bashima cyane Nyakwigendera Marie Jeanne Noppen wabaye umuyobozi w'iryo shuri igihe kirekire, asaba abari aho guhaguruka akanya gato bakamwibuka. Nawe yavuze ko ishuri ryigishije benshi bari mu nzego nkuru z'igihugu uhereye kuri Ministri w'ububanyi n'amahanga.

Yagaragaje ko uwavuga ko gender yatangiriye muri GSNDA Nyundo ataba yibeshye. Yashimye abarimu bakoze cyangwa bakora muri iryo shuri, ashima n'abandi bakozi bunganira ngo uburezi bugende neza. Yasabye abanyeshuri bakiga gushyiraho umwete ngo bamere nka

bakuru babo, ndetse barenzeho. Yarangije ashima abayobozi bashyigikira kandi bita ku burere bw'umwana w'umukobwa.

Umushyitsi mukuru yatanze ubutumwa

Umushyitsi mukuru muri ibyo biro yari Umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye Docteur Mathias Harebamungu.

Umunyamabanga wa Leta yatangiye ageza ku bari aho indamutso ya Nyakubahwa Prezida wa Repubulika Paul Kagame. Yavuze ko Prezida Kagame ashimira abanyarwanda ko batamutetereje igihe cy'amatora ashize. Ngo umwenda abaturage bamuhaye azawukuba inshuro nyinshi.

Avuga ku munsi nyirizina, Umunyamabanga wa Leta yavuze ko ashima ubufatanye hagati ya Leta na Kiliziya Gatolika mu birebana n'uburezi. Yavuze ko Kiliziya Gatolika yakoze byinshi mu guteza imbere uburezi . Yavuze ko Gender baseruriye muri iri shuri ubu ibaye ubukombe. Yakomeje agira ati "mwarose neza none imvugo ibaye ingiro". Yashimiye ukuntu iri shuri ritita ku bumenyi gusa ahubwo ryita no ku burere. Mu gushimangira ibyo yibukije imigani ya kinyarwanda igira iti: "uburere buruta ubuvuke" kandi ngo"umwana apfa mu iterura". Yasabye abari aho guharanira kuba inyangamugayo barangwa n'ubupfura kandi bagaharanira kugira ubuzima bwiza. Yavuze ko nta cyaruta kurera neza abishimangira agira ati"aho kurata amashyo warata abo wareze".

Yakomeje avuga ko abana b'abakobwa Leta ibafite ku mutima. Yerekanye ko ubu mu mashuri abanza abakobwa barenga gato 51 %. Yerekanye kandi ko na kera abana b'abakobwa bagaragaje ubuhanga, abaha urugero kuri Marie Curie wabonye igihembo cyambere cya Prix Nobel muri Chimie no muri Physique. Ahereye kuri urwo rugero Umunyamabanga wa Leta yashishikarije abakobwa biga muri GSNDA Nyundo kurangwa n'umurava kuko byose bishoboka. Yabasabye kandi gukomeza kuba intangarugero mu ntara y'Iburengerazuba.

Umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye yagize n'icyo abwira ababyeyi. Yavuze ko ababyeyi bamwe ubu bataye inshingano zabo. Ngo hari ababyeyi basigaye bagera mu rugo bukeye, abandi ntibakimenya abana babo. Ngo uko umwana umureze niko akura.

Umunyamabanga wa Leta yabwiye abarezi ko Leta ibashimira umurimo uvunanye bakora. Yabibukije ko ari intore kandi intore ikaba iharanira gushaka ibisubizo by'ibibazo aho kuganya. Yabijeje ko muri iyi manda Leta izareba uko umushahara w'umwarimu wazamuka. Yavuze ariko ko abarezi bakwiye kumva ko igihembo cya mbere ari ukubona abo bareze bameze neza.

Umunyamabanga wa Leta yakomeje avuga kubyo yabonye ubwo basuraga ishuri. Yavuze ko yabonye amasomo ahatangirwa, n'inyubako zishaje. Yavuze ko nubwo Leta ifite ubushobozi buke, ifite ubushake bwo gufasha kugira ngo iryo shuri rivugururwe. Yasabye abahize gusubiza amaso inyuma maze nabo bagatanga umuganda wabo kugira ngo ryo shuri rivugururwe. Yabashimiye uburyo bazabyitabira kandi bakabigira vuba. Yakomeje avuga ko Leta ifatanyije na Diyosezi ya Nyundo, Ababikira bera (Soeurs Missionnaires de notre Dame d'Afrique) n'abandi baharerera bazashobora kugira icyo bageraho mu kuvugurura ishuri. Yagaragaje uruhare rwa Leta, avuga ko mu gihe kitarenze ukwezi Leta izatanga amabati meza yo kuvugurura ibyumba by'amashuri 17. Yavuze kandi ko Leta izagira uruhare mu kwagura ibyumba bya Laboratoire kandi ko Laboratoire ijyanye n'indimi izashyigikirwa.

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo nawe yagaragaje ibyishimo bye.

Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yavuze ko GSNDA Nyundo ari ishuri rihesha ishema Diyosezi kubera ko ari ishuri ritanga ubumenyi rikanashyigikira imibereho inoze. Yashimye Ababikira bera (Soeurs Missionnaires de Notre Dame d' Afrique) batangije ishuri babisabwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Aloyizi

Bigirumwami. Yishimiye kandi ko igitambo cya Misa cyaturiwe muri Cathédrale yo ku Nyundo aho uwo musenyeri ashyinguwe. Ibyo byatume avuga adashidikanya ko aho Musenyeri Bigirumwami ari ubu yishimiye intambwe iryo shuri rimaze kugeraho. Yibukije ko Musenyeri Bigirumwami yatangije amashuri menshi y'abakobwa mu gihe hariho gusa amashuri yita ku burere bw'abahungu. Yavuze ko Musenyeri Bigirumwami yarebye kure ubwo yashakaga ko n'umwana w'umukobwa yiga akaminuza.

Musenyeri Alexis yatangariye cyane ukuntu Marie Jeanne Noppen yakundaga abana yayoboraga ndetse n'aho barangirije ugasanga akurikirana amakuru yabo n'imiryango yabo. Yagize ati 'uwo mubyeyi warereye u Rwanda nabishimirwe'.

Musenyeri yashimiye muri rusange abayobozi bose bayoboye iri shuri aribo : Sœur Gréta DESMET Antoinette (1968-1967), Mademoiselle Marie Jeanne NOPPEN (1968-1987), Mademoiselle Joelle MAGNIER (1987-1992) , Padiri Callixte KALISA (1992-1994), Louis RUCYAHANA (1995-1997) Frédéric NDEKEZI(1997-2002), Madame Béata KAYISENGA (2002-2006), Madame Winifrida MPEMBYEMUNGU(2006-2008) na Mama Clémentine GASINGIZWA(2009) uriyobora ubu. By'umwihariko yashimiye Ababikira ba Mutagatifu Visenti wa Lendelede bemeye gutanga Mama Clémentine ngo abe umuyobozi w'ishuri. Yifuje ko bishobotse bamushakira n'abandi babikira bamufasha mu buyobozi bw'ishuri.

Musenyeri yashimiye n'abandi bafasha mu buyobozi bw'ishuri, cyane cyane JMV Utazirubanda wabakundishije Sport, Komite ihagarariye ababyeyi irimo Anselme ubigsha Karate n'abandi. Yasabye abanyeshuri guha agaciro indimi, cyaba igifaransa, icyongereza, ikinyarwanda ndetse n'igiswahili. Ngo kumenya gusobanura neza icyo uzi n'icyo utekereza ni ingenzi.

Yashimiye kandi Umunyamabanga wa Leta wavuze ko Leta izatanga amabati azafasha mu gusanura ibyumba by'amashuri 17 kandi akaba yemeye ko Leta izafasha mu kwagura Laboratoire. Yoboneye ho umwanya wo kumubwira ko n'aho Salle polyvalenta izubakwa hateganyijwe, bityo asaba ko bishobotse Leta yatera inkunga no muri icyo gikorwa. Musenyeri yaboneyeko kubwira intumwa ya Leta ko Ikigo nderabuzima (Centre de Santé) cyo ku Nyundo cyangijwe n'umwuzure w'umugezi wa Sebeya, ubu Leta ikaba irimo gushakisha ahandi cyakubakwa. Yavuze ko byaba byiza kitimuriwe kure kuko hafi aha hari ibigo by'amashuri byinshi birimo ibigo bibiri by'amashuri abanza, Ecole d'Art, GSNDA Nyundo na Seminari nto ya Mutagatifu Piyo wa 10.

Mu gusoza Musenyeri yashimiye abarimu ubwitange badahwema kugaragaza, abasaba gukoresha neza amasaha bagenerwa kugira ngo koko ishuri rizabe indashyikirwa. Yarangije yifuriza abari aho bose umunsi mwiza wa Yubile , abaragiza umubyeyi Bikira Mariya Umwamikazi w'Abakene.

Ibirori byaranzwe kandi n'imbyino, indirimbo n'indi mikino harimo Karate yakinwe n'abana b'abakobwa biga muri iryo shuri.

Ibirori by'uwo munsi byashojwe no kwakira abashyitsi. Uburyo uyu muhango wateguwe n'uburyo abanyeshuri ba GSNDA Nyundo babyitwayemo bashyikiriza buri wese ikimunogeye bigaragaza ko uburere bahabwa bubaganisha aheza.

MUSEBYUKUNDI Didace

FRERE GABRIEL LAUZON YIZIHIJE YUBILE Y'IMYAKA 50 AMAZE YIYEGURIYE IMANA

Gabriel LAUZON ni muntu ki?

Gabriel Lauzon yavutse mu mwaka w' 1943 mu gihugu cya Canada . Akaba afite impamyabushobozi y'ikirenga muri Literature , Theologie , Ikoranabuhanga ndetse no mu burezi .Ahagana mu mwaka w' 1959 -1960 nibwo yari muri Noviciat mu bafureri b'Inyigisho za Gikirisitu (les Frères de l'instruction chrétienne) .Yakoze imirimo yo kwigisha mu mashuri makuru ndetse aba n'umwarimu w'ubuvanganzo muri Université ya Ottawa muri Canada . Ahagana mu mwaka w1974 -1975 yakomereje amashuri ye i Roma muri gahunda yo gushimangira umurimo we wa gitumwa . Ubusanzwe F.Gabriel Lauzon mu mpano ze harimo gukunda umurimo w'uburezi mu mashuri no gufasha urubyiruko rwize n'urutarize mu myidagaduro ndetse no kubafasha kwihangira imirimo. Igihe cyarageze ahagana mu mwaka w'1972-1974 , F.Gabriel Lauzon yoherezwa mu butumwa mu Rwanda .

IBYAMURANZE MU RWANDA NI IBIHE ?

Ahagana mu mwaka w'1976-1979 nibwo yatangiye umurimo wo kwigisha muri Petit Séminaire ya Nyundo , hagati mu mwaka w'1982-1989 yabaye umuhugura (Formateur) mu muryango w'abafureri b'aba FIC (les Frère de l'instruction chrétienne) abarizwamo. Mu mwaka w'1991-1994 yabaye Vice Provincial w'aba FIC mu Rwanda .Yaje kuba mwarimu yigisha mu mashuri yisumbuye , twavuga : nko mu kigo cya Collège Inyemeramihigo , akaba yarabaye Umuyobozi wa Noviciat y'abafureri igihe kirekire ku Nyundo .

Kubera ko muriyo mirimo yayikoranaga umwete , F. Gabriel Lauzon ahagana mu mwaka 1996-1999 yeguriwe ubuyobozi bw'ikigo cy'amashuri kiri mu ntara y'amajyaruguru , mu Karere ka Burera cyitwaga FIC-ADEBU , aho iki kigo cyagezaho kiza guhindura izina ku mabwiriza ya minisiteri y'uburezi kikitwa TTC . Iki kigo cyabaye intangarugero mu gutsindisha abanyeshuri bose , kubera ikinyabupfura n'indi migenzo myiza batozwaga na F.Diregiteri Gabriel Lauzon .

Mu mwaka w'ibihumbi bibiri na kabiri (2002) , ni bwo F.Gabriel Lauzon yasubiye mu ri Paruwasi ya Stella Maris muri Diyosezi ya Nyundo . Akimara kubona ko urubyiruko rwaho rwifashe ku buryo butamushimishaga twavuga : Kunywa ibiyobyabwenge , kwishora mu busambanyi hamwe n'indi migenzo itari myiza, abifashijwemo na Padiri Epimaque Makuza wari padiri mukuru wa Paruwasi Stella Maris , bahise bashinga ikigo cyitwaga JEGASI (Jeunesse Gisenyi anti SIDA) , ubu kikaba cyitwa Vision Jeunesse Nouvelle .

Umugambi wabo : wabaye uwo gushyira urubyiruko mu mikino inyuranye kugira ngo rubashe kwirinda byimazeyo bya biyobya bwenge byabateraga kwiyangiza bishora mu busambanyi, bikageraho bibatera kwandura VIH / SIDA kubera ubwenge buba bwangiritse.

IBYAKOZWE

Hashyizweho imikino ngorora mubiri (Sport), amatsinda menshi akina iby'umuco nyarwanda , amakinamico, kwigisha gusoma , kwandika no kubara ndetse no kwigisha abana babana n'ubumuga batumva , amatsinda abumbatiye amahoro , ay'iyogezabutumwa , kwita kubana bo mu muhanda, n'ibindi byinshi ushobora kubona ugeze muri icyo kigo kiri hafi y'ikiyaga cya Kivu . Muri icyo kigo dusangamo : inzu nini ndangamuco , inzu y'isomero (Bibliothèque), inzu y'imyidagaduriro (gymnase) ndetse n'ibindi byumba by'inama .

ZIMWE MU MBUTO ZIGARAGARA

Kugeza ubu , ubuhamya ni bwinshi dutangiriye nko kubarangije kwiga gusoma , kwandika no kubara mu masomero y'icyo kigo . Abashoje ayo mahugurwa muri ayo masomero bagera ku bihumbi hafi bibiri na magana atanu (2500) n'ubwo hari benshi bacyihugura . Iyo barangije hari abakomeza kwiga indimi z'amahanga, abandi bashyiriweho imyuga inyuranye (kubaka , gusudira, kubaza , guteka , kudoda, gukora amashanyarazi…). Hari abandi bahitamo kugurizwa udufaranga ngo bakore ubucuruzi bucirirtse muri gahunda yo kubafasha kwifasha

Hari n'abandi bahitamo korora amatungo magufi bafite gahunda yo kuziturirana , byose bagezwaho na F. Gabriel Lauzon .

Ku rubyiruko rwavuye mu muhanda rwagannye icyo kigo, rwacitse kubiyobya bwenge , kubera inyigisho zinyuranye bahabwa n'abari muri icyo kigo dore ko abenshi muribo bakurikiranye imyuga, byose bigamije kubafasha kubaka ubushobozi bw'ejo habo heza hazaza.

IBIKORWA BY'INGENZI BITEGURWA

- F.Gabriel Lauzon akimara kubona urubyiruko rwinshi rufashwa n'ikigo Vision Jeunesse Nouvelle yashinze , yatangiye umushinga wo gushyiraho Radio y'urubyiruko , kugirango rubashe kubona aho runyuza ibihangano byarwo , kugirango bigere ku bantu benshi.
-Harimo kubakwa ikigo cyagutse cy'imyuga inyuranye mu murenge wa Nyundo , muri gahunda yo guha urubyiruko rutishoboye ndetse n'urutaragize amahirwe yo gukomeza amashuri , mu kubatoza kwihangira imirimo , mu rugamba rwo guca umuco wo gusabiriza .

IBYO F.GABRIEL LAUZON YISHIMIRA

Ashimira Imana yamuhaye ubuzima , ikanamuherekeza mu ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo yamushinze mu biremwa byayo. Niyo mpamvu ku italiki ya 9 Ukwakira 2010,
F. Gabriël Lauzon yayishimiye , yizihiza isabukuru y'imyaka 50 amaze yihaye Imana mu muryango w'aba FIC wamuhaye ubutumwa muri Diyosezi ya Nyundo.

UKO UWO MUNSI WAGENZE

Watangijwe n'igitambo cya missa yo gushimira Imana , cyatuwe na Nyiricyubahiro Mgr Alexis HABIYAMBERE Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, gituriwe muri Paroisse Stella Maris y'i Gisenyi. Mu masomo yasomwe n' inyigisho zatanzwe muri iyo misa , zose zibanze mu kurushaho kugira urukundo rwitanga rukitangira abandi , byose bigakorwa turebeye ku rukundo Imana Data yadukunze bikagezaho itanga Umwana wayo w'ikinege .

Nyuma ya misa ntagatifu yashimishije benshi, gahunda yakomereje mu inzu mberabyombi y'umuryango Vision jeunesse Nouvelle.

Hari amatsinda menshi yaje gufasha Frere Directeur wabo mu guhimbaza uwo munsi, aha twavuga amwe mu matsinda yari yitabiriye : hari abakorobate , amakina mico , ababyinnyi gakondo , abakaratika , imbyino za kizungu, ndetse n'amakorali. Ibyakozwe byose byari iby'umwuga bifite ubutumwa bushimira F.Gabriel Lauzon ku rukundo rwitangira cyane urubyiruko yabagaragarije .

Ibyishimo byaje gukomereza ku busabane ku baraho bose bageze ku bihumbi bibiri , umwe akaba yarabonye icyo kunywa ashatse ndetse n'icyo kurya gishimishije giherekejwe n'umuziki mwiza .

GUSHIMIRA

Turashimira Imana yakoreye mu bihaye Imana b'ingeri zose kugira ngo uwo munsi ugende neza , n'abandi twavuga cyane nk'abakozi b'umuryango Vision Jeunesse Nouvelle bitanga cyane mu gufasha F.Gabriel Lauzon mu kugera ku ntego zigamije icyerekezo cyiza cy'urubyiruko. Abandi twashimira ni amatsinda anyuranye y'uwo muryango yadufashije guhimbaza uwo munsi w'isabukuru , n'abandi tutashoboye kurondora , Imana izakomeze ibongerere ubutwari bwo kurushaho gufashanya , no gukunda ibiremwa byayo tubifasha kwiyubaka ndetse no kubaka abandi .Tuzaba duhaye Kiliziya umuganda mu iterambere ryayo n'igihugu cyacu muri rusange.

Ararekwa ntashira , reka tuzakomeze n'ubutaha, muragahorana amata mu matama.

NSENGIYUMVA Mathias
Umukozi mu kigo cy'urubyiruko cya
Vision Jeunesse Nouvelle i Gisenyi

UDUKURU TWO HIRYA NO HINO

NYAKANGA

Tariki ya 2/07/010 : Musenyeri A.Habiyambere yatangaje ubutumwa ahaye buri mupadiri wa Diyosezi ya Nyundo mu mwaka wa 2010-2011.

Ku iyi tariki Musenyeri yanakiriye umukuru ku rwego rw'Igihugu w'Ababikira b'Umutima Mutagatifu wa Yezu n'uwa Bikira Mariya, Sr Emérence Uwimana.

Tariki ya 8/07/010 : Ku Gisenyi habereye inama yo kwiga ku kibazo cy'ikigo nderabuzima cya Nyundo. Kubera ko umugezi wa Sebeya wagiye usendera ugatera mu mazu y'icyo kigo, hifujwe ko cyakwimurirwa ahandi. Ubu gicumbikiwe ahitwa Muhira, ariko ntihahagije imirimo ihakorerwa. Abaturage baturiye umugezi wa Sebeya bo basanga ibyo kwimuka bibabangamiye, bakaba bifuza uwabereka uburyo buboneye bwo kugomera uwo mugezi ntuzongere kubononera, ariko ibikorwa byabo bigakomeza. Umuntu ni umugenga w'ibyaremwe, aho guhunga ahangana n'ibibazo agashirwa abitsinze.

Tariki ya 10/07/010: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yatanze isakaramentu ry'Ubusaserdoti i Congo-Nil. Uwarihawe ni Jean Claude MUTUYIMANA , naho Jean Paul HAGUMINEZA wo ku Kibuye na J.M.Vianney HODARI w'i Murunda bahabwa Ubudiyakoni.

Tariki ya 14/07/010 : Professeur Martin MOORS, umupadiri wigisha philosophie muri université ya Leuven, akaba n'incuti ya Diyosezi ya Nyundo yaje kuramutsa Umushumba wa Diyosezi.

Tariki ya 17/07/010 : i Muramba naho hatangiwe ubusaserdoti: uwabuhawe ni Pascal BAHATI w'iyo paruwasi, naho Denys IRIVUZUMWAMI w'i Rambura na Noël HITIMANA w'i Gatovu bahabwa Ubudiyakoni.

Tariki ya 20/07/010 : Musenyeri yakiriye umukuru w'ababikira b'Abizeramariya.

Tariki ya 23/07/010 : Abantu barenga ibihumbi mirongo inani, basanganiye Nyakwubahwa Paul KAGAME wiyamamarizaga kwongera kuyobora u Rwanda. Byari ibirori biteguye neza kandi biteye ubwuzu.

Tariki ya 24/07/010 : Paruwasi ya Kinunu yaherukaga kubyara umupadiri muri 1978 yakize ubugumba: abasore babiri bayo bahawe umwe ubupadiri, undi ahabwa ubudiyakoni. Uwahawe ubupadiri ni François KUBWIMANA, naho Piyo KWITONDA
ahabwa ubudiyakoni.

Tariki ya 28/07/010 : Hashize imyaka makumyabiri Diyosezi ya Nyundo ifitanye ubucuti na paruwasi Saint Ambroise y'ahitwa Ostbevern ho mu Budage. Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari yaragiyeyo bamutumiye mu isabukuru yo kwizihiza iyo myaka aherekejwe n'abapadiri babiri. Noneho abo mu Budage nabo bohereje abantu barindwi barimo abapadiri bakuru bayoboye iyo paruwasi, kuva batangiranye ubwo bucuti na Padiri Aloys NZARAMBA, kugeza k'uyiyobora ubu. Ibirori byo kwizihiza iyo sabukuru byabereye mu iseminari yo ku Nyundo taliki ya 3/08/2010.

KANAMA

Tariki ya 1/08/010 : Paruwasi nshya ya Muhato yagize umugisha wo guhimbaza umwaka umwe imaze ishinzwe, ibona ibirori byiza cyane by'itangwa ry'ubudiyakoni. Abasore bane nibo babuhawe aribo: Innocent TUYISENGE wo muri iyo paruwasi ya Muhato, na batatu bo muri paruwasi ya Nyundo aribo: Déogratias BAHIZI, Jean Damascène na Jean François UWIMANA.
Abandi bafratri icumi bahawe umurimo w'ubuhereza, batanu batorerwa umurimo w'ubusomyi. Bose tubifurije kujya mbere batunganiye Imana n'abantu.

Tariki ya 2/08/010 : Musenyeri yakiriye umukuru w'Ababikira b'Izuka rya Yezu. Uwo bita Mère Prieure kugeza ubu, ayobora uwo muryango aho ufite ingo hose : muri Congo, mu Rwanda,

Cameruni, Breziri n'Ubutaliyani. Icyakora hari umushinga w'uko ababikira b'Izuka bo mu Rwanda bazabona ubuyobozi bwite bihariye.
Tariki ya 8/08/010 : Umushumba wa Diyosezi yemeje abo yemereye kuzajya gutangira Seminari nkuru i Rutongo. Bose hamwe ni cumi na batatu.
Tariki ya 9/08/010 : Hose mu Rwanda twari twakereye gutora Prezida wa Repubulika.
Tariki ya 15/08/010 : Nk'uko ari umuco mwiza usanzwe muri Diyosezi, Musenyeri yijihirije umunsi w'Ukujyanwa mu ijuru kwa Bikira Mariya i Congo-Nil akikijwe n'abasaserdoti bashya na bakuru babo benshi, ndetse n'ababa mu mahanga . Hari n'imbaga y'abakristu baturutse hose muri Diyosezi. Ni umunsi wo gushimira uwo Mubyeyi utuvuganira, akaturonkera abasaserdoti.
Tariki ya 25/08/010 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yayoboye inama ihuza abapadiri bashinzwe umutungo rusange muri Diyosezi zose zo mu Rwanda. Yari inama barebamo uko Seminari nkuru zakoresheje ibyo zahawe, hakanagenwa ibizazifasha mu mwaka w'amashuri ukurikiyeho.
Tariki ya 27/08/010 : Intumwa z'umuryango wa Kolping zabonanye n'Umwepiskopi kugira ngo barebere hamwe iby'ishuri ry'imyuga ry'i Muramba. Ku iyi tariki na none, Musenyeri yakiriye ababikira du Saint Sépulcre b'i Turnhout ho mu Bubiligi. Abo Babikira b'Imva Ntagatifu ya Yezu ni bo bashinze umuryango tuzi w'Ababikira b'Izuka rya Yezu.

NZERI

Tariki ya 7 – 10 /09/010 : Abepiskopi bayobora Diyosezi Gatolika zose zo mu Rwanda bahuriye i Kigali mu nama yabo isanzwe imara hafi icyumweru, incuro eshatu mu mwaka.
Tariki ya 12/09/010 : Musenyeri yayoboye igitambo cya Misa cyo kwizihiza umunsi mukuru wa Mutagatifu Piyo wa cumi, umurinzi wa Seminari nto ya Nyundo. Hakurikiyeho n'ibirori byiza, abaseminari bagaragaza ubuhanga bunyuranye bakesha uburere bwiza bw'urwo rugo rurerera Kiliziya. Mwabyisomeye ku buryo burambuye muri aka gatabo.
Tariki ya 18/09/010 : Urwunge rw'amashuri rwo ku Nyundo rwaragijwe Bikira Mariya Umwamikazi w'Afurika, rwijihije imyaka 50 ishize rushinzwe na Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI yifashishije ababikira bera. Nyuma iryo shuri ryayobowe imyaka myinshi na Mademoiselle Marie Jeanne NOPPEN, Musenyeri yashinze kuhatangiriza bwa mbere mu Rwanda ishuri rya Sciences ry'abakobwa. Icyo gihe bakunze kuryita Lycée Scientifique de Nyundo. Umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri yari umutumirwa mukuru. Iby'uyu munsi mukuru nabyo mwabisomye ku buryo burambuye muri aka gatabo.
Tariki ya 22-23/09/010 : Akanama kashyizweho n'Umwepiskopi ngo gasuzume aho tugeze nyuma y'imyaka cumi dushoje Sinodi karateranye. Hateguwe uburyo mu mwaka wa 2011, Diyosezi ya Nyundo izasa n'isubukuye Sinodi. Ibyagezweho byiza bikaba imbarutso y'amatwara meza tuzakomeza.
Tariki ya 27-29/09/010 : Abafaratiri ba Diyosezi bose bahuriye mu nama nk'uko bisanzwe mbere yo kujya gutangira umwaka mushya w'amashuri, baganira ku buzima bwabo, kandi bakanamenyeshwa uko Diyosezi yabo iteye. Umushumba wa Diyosezi abaganiriza birambuye nabo bakamubaza, kandi anabatumaho abashinzwe imirimo rusange muri Diyosezi nabo bakabereka uko ubutumwa bubategereje buhurirwaho na bakuru babo. Mu biruhuko Umushumba wa Diyosezi akunze kubaha ubutumwa bazibandaho, muri paruwasi baruhukiyemo. Uyu mwaka yari yabashinze by'umwihariko kwita ku matsinda y'abana mu miryangoremezo. Turabashimira twese ukuntu uwo murimo bawutunganyije, ahenshi basize abana bakangukiye guhurira hamwe kugira ngo barusheho kumenya Imana kandi bakure bazi ko ari abavandimwe.
Tariki ya 29/09/010 : Musenyeri yakiriye Umukuru w'Ababikira ba Mutagatifu Visenti b'i Lendelede. Ubu uwo munyarwandakazi niwe ukuriye ababikira b'uwo muryango aho bari hose mu Bubiligi no mu Rwanda.

UKWAKIRA

Tariki ya 06/10/010 : Musenyeri yakiriye Umukuru wa Institut Saint Boniface. Uwo muryango ufite ababikira bawo mu Mbugangari ho ku Gisenyi.

K'uyu munsi kandi hashojwe inama y'abagore baharanira amahoro n'ubwiyunge by'abatuye mu Karere k'Ibiyaga bigari.

Tariki ya 07/10/010 : Umunsi mukuru w'ishuri ry'i Rambura ry'abakobwa ryaragijwe Bikira Mariya Umwamikazi waduhaye Rozari Ntagatifu. K'uwo munsi mukuru, Musenyeri yararisuye amenyeshwa uko ishuri ryifashe, nawe abaha impanuro ziberekeza ku mico ibereye abari b'i Rwanda bo mu bihe tugezemo.

K'uyu munsi kandi, abanovisi batandatu b'abakobwa bagize amasezerano ya mbere y'abiyeguriyimana mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo.

Tariki ya 09/10/010 : Fureri Gabriël LAUZON wo mu Bafureri baharanira uburere bwa gikirisitu (Frères de l'Instruction Chrétienne) yizihije yubile y'imyaka 50 amaze yiyeguriye Imana. Musenyeri yayoboye igitambo cy'Ukaristiya akikijwe n'abapadiri benshi, abiyeguriyimana b'imiryango myinshi, n'imbaga y'abakristu yari yakereye ibyo birori. Fureri Gabriël akorera byinshi urubyiruko cyane mu biteza imbere umuco n'imikino arwanya Sida n'ibindi bidindiza urubyiruko.

Tariki ya 13-14/10/010 : Abasaserdoti bose ba Diyosezi ya Nyundo bagize inama bayobowe na Musenyeri Alexis HABIYAMBERE . Muri iyo nama bibanze ku gutegura umwaka wa cumi nyuma y'isozwa rya Sinodi idasanzwe ya Diyosezi ya Nyundo. Barebeye hamwe uburyo bwazafasha imbaga y'Imana yose iri muri Diyosezi ya Nyundo kwivugurura. Ntibatekereje abandi biyibagiwe, nabo barebye uko barushaho gutunganira Kristu wabatumye, bakamuyoboraho abo bashinzwe, kandi bakabafasha kuba abavandimwe nyabo nabo ubwabo babitanga mo urugero.

Tariki ya 23/10/010 : Musenyeri yakiriye intumwa z'abaganga b'i Frosinone ho mu Butaliyani. Abo baganga bunganira ibitaro bya Murunda.

Tariki ya 24/10/010 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yifatanyije n'abandi Bepiskopi, abapadiri n'abakristu benshi mu isozwa ry'Ihuriro ry'Akarere k'Ibiyaga bigari ku mpuhwe z'Imana.

Tariki ya 26/10/010 : Musenyeri yayoboye inama y'abapadiri bashinzwe umutungo muri za Diyosezi. Iyo nama yabereye ahari icyicaro cy'inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda.

Tariki ya 30/10/010 : Caritas yashoje umwaka wayo wa Yubile y'imyaka 50 imaze ishinzwe. Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yari muri uwo munsi mukuru, hari kandi n'abapadiri n'abakristu ba Diyosezi ya Nyundo bifatanyije n'abaturutse hirya no hino mu Rwanda ndetse no mu mahanga. Mu byiza byinshi dushimira Caritas Rwanda, harimo imyumvire mishya y'uko Caritas atari iyo kugabura imfashanyo tugenerwa n'amahanga, ko ahubwo ari twe abanyarwanda tugomba kumenya ibibazo byacu tugafatanya kubishakira ibisubizo. Ntitwabura by'umwihariko kubishimira Padiri Oreste Incimatata, Umunyamabanga Mukuru wa Caritas uhora aharanira kubyumvisha abantu.

UGUSHYINGO

Tariki ya 06/11/2010 : Musenyeri yatanze Isakaramentu ry'Ugukomezwa muri paruwasi Katedrali ya Nyundo.

Tariki ya 07/11/010 : Isakaramentu ry'Ugukomezwa na none ryatangiwe n'Umwepiskopi muri Paruwasi Stella Maris ku Gisenyi.

Tariki ya 09-11/11/010 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yagiye i Muyinga ho mu Burundi mu nama ihuza Abepiskopi bo mu Rwanda no mu Burundi.

Tariki ya 12/11/010 : Musenyeri yabonanye n'Umukuru w'Ababikira b'Urukundo (Filles de la Charité). Abo Babikira bafite amavuriro i Musango na Mukungu ; hakaba n'ivuriro ryahoze ari iryabo muri Biruyi batarasubiramo hashize imyaka 15.

K'uwo munsi kandi, Musenyeri yanabonanye n'Umukuru wa Benebikira. Abo bose babonaniye i Kigali.

Tariki ya 13-14/11/010 : Musenyeri yatanze Isakaramentu ry'Ugukomezwa ku minsi ikurikiranye ku Muhato (13/11) n'i Busasamana (14/11).

Tariki ya 21/11/010 : Musenyeri yatanze Isakaramentu ry'Ugukomezwa ku Kibuye, anatangiza umwaka wa Yubile w'iyo paruwasi.

Tariki ya 24/11/010 : Musenyeri yabonanye n'abaganga mu ihuriro ryitwa "Interplast Germany" batera inkunga ibitaro bya Murunda.
Tariki ya 28/11/010 : Ibaruwa ya Musenyeri Alexis HABIYAMBERE irarikira abakristu kwizihiza imyaka icumi ishize dushoje Sinodi idasanzwe yarasohotse. Mwayisomye muri aka gatabo. Umwaka wa 2011 muri Diyosezi ya Nyundo, uzaba uwo kureba ibyo twagezeho, ibyiza birimo tubihereho dufata imigambi yo kurushaho kumenya Imana, kuyikunda no kuyikorera, twese turi abavandimwe by'ukuri.

UKUBOZA

Tariki ya 01/12/010 : Urugo rw'irerero ry'ibanze (postulat) rw'ababikira b'izuka rwabaga ku Nyundo rwimukiye i Busasamana. Abakristu baho berekanye umuco wabo mwiza wo kwakira abantu babasanganiza ibirori n'amazimano.
Tariki ya 08/12/010: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yagiye ku Kibuye, ayobora igitambo cya Misa ababikira babiri bo mu muryango wa Bikira Mariya Mutagatifu w'i Namur bagiriyemo amasezerano yabo ya burundu. Abo ni Sr Anastaziya UWAMUGIRA na Sr Domina MUREKATETE.
Tariki ya 12/12/010 : Musenyeri yaturiye igitambo cy'Ukaristiya muri Centre St Pierre cyabayemo umuhango wo kwakira abafashabutumwa biyeguriyimana. Hakurikiyeho n'ubusabane hamwe n'abasangiye ubwo butore.
Tariki ya 14 -17/12/010: Abepiskopi Gatolika bahuriye mu nama yabo isanzwe. Basoza iyo nama batanze "Itangazo ry'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda ku byerekeye kurengera ubuzima no kwamagana icyaha cyo gukuramo inda". Iryo tangazo basabye ko rizasomerwa mu Kiliziya. Abenshi mwararyiyumviye.
Tariki ya 18/12/010: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE s.j. yahereye Isakaramentu ry'Ubusaserdoti Abayezuwiti babiri muri paruwasi Regina Pacis i Remera ya Kigali. Abo bapadiri bashya ni Padiri Gérard KALISA na Padiri Michel KAMANZI SEGATAGARA.
Tariki ya 24/12/010: Musenyeri yijihirije Missa y'igitaramo cya Noheli mu Ruhengeri nk'Umuyobozi w'iyo Diyosezi.
Tariki ya 25/12/010: Missa yo ku manywa yayituriye muri Katedrali ya Nyundo
Tariki ya 31/12/010: Na none Musenyeri yagiye mu Ruhengeri gutura igitambo cy'Ukaristiya cyo gushimira Imana umwaka dushoje no kuyiragiza ugiye gutangira.
Tariki ya 01/01/011: Missa yo gutangira umwaka yayivugiye ku Nyundo muri Katedrali. Hari abakristu basagutse Kiliziya kandi ari Missa ya kabiri, habereye n'izindi mu ma santrali.
Imana nisingirizwe mu bayo uko bayigana barusheho no kuyitunganira cyane baba abavandimwe.

Dusoje udukuru twacu tubifuriza umwaka muhire wa 2011.

BAMURANGE Françoise